ITANGIRIRO

NO

KUVA

TMBC ISOMO #2

Igitabo Gifasha Umuyobozi

Musomyi Mukundwa,

Intumwa Pawulo yabwiye Timoteyo ati: *“Nuko rero mwana wanjye, ukomerere mu buntu bubonerwa muri Yesu Kristo, kandi ibyo wanyumvanye imbere y’abahamya benshi, ubimenyeshe abantu bo kwizerwa bazashobora kubyigisha abandi. Ujye ufatanya nanjye kwihanganira imibabaro, nk’uko bikwiriye umusirikare mwiza wa Kristo Yesu.”* (2 Timoteyo 2:1-3)

Ndagira ngo mbaremeshe umutima iri jambo kandi mbamenyeshe ko dushimiye Imana cyane kuba twifatanije nawe kwigisha no gufasha itorero gukura. Turimo kwiga iyi nyigisho, ndagusaba ko wakomeza kwibaza ndetse ukabaza itsinda ryawe ibi bibazo:

- Ijambo ry’Imana rivuga iki?
- Iki cyanditswe gisobanuye iki?
- Iki cyanditswe kimbwiye iki? Ni gute nashyira mu bikorwa amahame ahoraho y’Imana mu buzima bwanjye?

Niba wibaza ibi bibazo bitatu ukaba ushaka ibisubizo byabyo, iyi nyigisho iragufasha cyane kandi irakugirira akamaro. Nizeye ko twiga iyi nyigisho yo ku musozi kandi urimo no kuyigisha, bizagufasha gukura mu mubano wawe na Yesu Kristo. Ibitekerezo n’inama zitangwa muri iri tangiriro bigamije kugufasha kwiga no kwigisha neza iyi nyigisho. Turagusabira ngo kwiga iyi nyigisho bizane impinduka ikomeye cyane mu buzima bwawe bw’umwuka kandi bikuremere urufatiro rukomeye cyane rwo gukomezamo gukura mu buzima bwawe ndetse no mu buzima bw’abo uyobora.

Ndagusabira ngo umugisha w’Imana ukubeho,

Dick Woodward
Umushumba n’umwanditsi w’inyigisho zo mu Ishuri Rito rya Bibiliya.

KUYOBORA ITSINDA RYIGA BIBILIYA

Ishuri Rito rya Bibiliya ryateguye iri sesengura ry'ibitabo by'ibanze bya Bibiliya. Inshingano yawe nk'umuyobozi ni ukuyobora itsinda uyobora kugira ngo ryige izi nyigisho kandi rikore n'imikoro, ubafasha gusobanukirwa ukuri, kumenya amahame azahoraho iteka ryose, kandi icy'ingenzi cyane, bakabishyira mu bikorwa mu buzima bwabo. Iri n'isesengura ry'inyigisho rizafata amezi agera kuri ane kandi yagenewe kutaba isomo gusa. Iyi nyigisho ni igice cy'igena migambi ryo kuguha ibikoresho byo kukwigisha no kugukuza ndetse no gufasha itorero ryawe gukura mu mwuka no kwiyongera kw'abantu.

Kugira ngo tugufashe, tuguhaye ibi bikoresho:

- Uyu muyoboro w'umuyobozi
- Forumireri za raporo
- Amajwi y'Itangiriro no Kuva
- Agatabo mfashanyigisho k'Itangiriro no Kuva
- Ibitabo 10 bifasha abigishwa

Iki gitabo Gifasha Umuyobozi cyagenewe kugutegurira iyi nshingano.

GUTANGIRA

Mbere y'isomo

- *"Nuko mujye mu nzira nyabagendwa, abo muri buboneyo bose mubahamagare baze batahe ubukwe. Abo bagaragu barasohoka bajya mu nzira, bateranya abo babonye bose, ababi n'abeza, inzu yo gucyurizamo ubukwe yuzura abasangwa."* (Matayo 22:9-10). Tangira utumira abantu kuza muri iki kirori cy'umwuka.
- Itegure usengera abari bwitabire. Nibigushobokera ubasengera uvuga izina rya buri umwe. Imana yonyine niyo yahindura imitima y'abantu, kandi isengesho nicyo gikoresho gikomeye cyane. *"Abacira umugani wo kubigisha ko bakwiriye gusenga iteka ntibarambirwe."* (Luka 18:1)
- Shaka abagufasha. Ntugerageze gukora byose wenyine. Shaka umuntu umwe cyangwa babiri bagufasha kuririmba, gucuranga, kwakira no kwicaza abantu, no kwandika abitabiriye.
- Usesengure inyigisho maze usobanukirwe intego yayo.
- Imenyereze iyi nyigisho; uyumve, uyisome, kandi usome

buri nyigisho ndetse ufate mu mutwe ibyanditswe birimo byose mbere y'uko isomo ritangira.

- Witondere kumenya ko ibikenerwa yose bihari mbere y'uko buri somo ritangira.
- Urebe niba icyumba cyo kwigiramo gihagije kandi giteguye neza mbere y'uko isomo ritangira.

Isomo ririmo gutangwa
(Witondere kumenya ko isomo ritarenza isaha imwe n'igice)

- Wakire kandi usuhuze buri muntu wese uza. Uribuka ukuntu ari byiza iyo wakiriwe? Akira abantu bose mu izina ry'Imana. Ugire umuntu ushinga kwakira abantu kandi uhuze abantu niba badasanzwe baziranye.
- Mujye mutangirana kuramya no gusenga Imana, musaba Imana kugira ngo ibafashe gusobanukirwa no gushyira mu bikorwa ijambo ry'Imana mu buzima bwanyu.
- Muvuge icyanditswe mutagisoma muri Bibiliya.
- Mwumve inyigisho y'amajwi.
- Mukoreshe igitabo cyunganira inyigisho kandi cyandikwamo, usaba abantu ngo babiganiremo intego ari ugushyira mu bikorwa. Twizeye ko ibibazo biributume habaho ikiganiro cyiza ndetse no gusobanukirwa bituma habaho gushyira mu bikorwa ibyizwe. Iba itsinda rirenze abantu icumi, byaba byiza uriciyemo amatsinda matoya y'abantu nka batatu cyangwa bane kugira ngo habeho ibiganiro byiza. Ukomeze kugenzura igihe kandi witwararike kugira ngo ikiganiro kidatambikira kikava ku nsanganyamatsiko y'inyigisho ndetse no kwiga ijambo ry'Imana.
- Ushimire abantu bose ko bitabiriye kandi ubashishikarize kuzaboneka mu isomo ry'ubutaha.
- Ubashishikarize gutumira abandi kuzaza kwiga Ijambo ry'Imana.
- Ubashishikarize gufata mu mutwe ibyanditswe byo mu isomo rya buri cyumweru.

Nyuma ya buri somo

- Kusanya ibitabo by'inyigisho byose.
- Tegura icyumba neza. Usige icyumba gisa neza kurusha uko wasanze hasa.
- Andika muri forumireri za raporo kandi uzibike.
- Niba murimo guteranira mu rugo rw'umuntu, ufata

umwanya umushimire ko yabakiriye iwe.

Amabwiriza y'umwihariko yo kwigisha abigishwa badasoma kandi batandika, ahubwo bumva.

Ni ingenzi kuzirikana abadashobora gusoma no kwandika kandi bakabika ubumenyi bitandukanye natwe abize. Abakoresha amatwi gusa iyo biga, biga batega amatwi kandi bavuga ibyo bumvise. Kutiga ntabwo yari imbogamizi mu gihe cya Yesu. Ni byiza kwibuka ndetse tukabwira abari mu ishuri ryawe ko abenshi mu bigishwa ba Yesu ndetse n'abenshi mu bantu ba mbere bamamaje ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo batari bazi kwandika no gusoma.

Hari ukuntu abantu bakoresha amatwi kwiga bafite ubushobozi bukomeye bwo kwiga ibyo bumva kurusha twebwe abagomba kugira icyo twandika kugira ngo tuzashobore kwibuka. Nuko rero, ugomba gufata igihe ukemerera abigishwa kumva inyigisho n'ibyanditswe bafashwe ku majwi, muhagarika ndetse munasubiza inyuma kugira ngo murusheho gusobanukirwa igice mutasobanukiwe, maze unabahe umwanya wo gusubiza ibibazo. Iyo abiga bakoresheje amatwi gusa bashoboye gusubiramo ibyo bumvise kandi bize mu magambo yabo, biba bivuze ko basobanukiwe amahame neza. Nuko rero, ugomba gukoresha ibibazo byagennwe kugira ngo uyobore icyo gihe cyo kwiga kuko bifasha mu gikorwa cyo kwiga. Ugomba kubaza ibibazo uvuga cyane kandi ugashishikariza buri wese gufatanya n'abandi. Ibi bizaafasha gusobanukirwa ijambo ry'Imana mu buryo bwimbitse ndetse no kugirana ukomeye n'Umwana w'Imana, Yesu Kristo.

Bibiliya ni iki?

Igice cya 1
Inyigisho y'Ijwi: Isesengura ry'Isezerano rya Kera
Isomo rya Mbere

Intego: Kumenya Bibiliya icyo ari cyo n'ukuntu iteguye.

"Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka kugira ngo umuntu w'Imana abe ashyitse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose." 2 Timoteyo 3:16-17

Bibiliya Yera ni ikusanyirizo ry'ibitabo mirongo itandatu na bitandatu. Ijambo "Bibiliya" rituruka mu ijambo ry'Ikilatini rivuze "ibitabo," kandi ijambo "ryera" rivuze "icy'Imana" cyangwa "igituruka ku Mana." Ubwo rero, Bibiliya Yera ni ihuriro ry'ibitabo byatanzwe n'Imana.

Ibitabo bya Bibiliya byanditswe n'abantu bagera kuri mirongo ine mu gihe cy'Imyaka 1,500. Batwemeza ko aya magambo ari amagambo y'Imana bwite, yahumetswe n'Umwuka Wera maze yandikwa n'abantu. Abanditsi "batwarwaga" n'Umwuka Wera nk'uko ubwato butwarwa n'umuhengeri cyangwa umuyaga igihe ririmo kugenda.

Ibitabo mirongo itandatu na bitandatu byo muri Bibiliya biteguye hakurikijwe ubwoko bwa byo n'ubutumwa bwa buri gitabo. Ibice bibiri by'ingenzi ni Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya. Ubutumwa bw'Isezerano rya Kera ni Yesu azaza; mbese uzamwizera? Hanyuma ubutumwa bw'Isezerano Rishya bukaba Yesu yaraje; mbese wamwizera? Isezerano rya Kera rivuga ukuntu Imana izakuraho "ubutane", gutandukana ko mu mwuka kwabaye hagati y'Imana n'ibiremwa muntu, binyuze mu kuza k'umucunguzi. Isezerano Rishya ritubwira ukuntu Imana yunze ubwo butane: Yesu yaraje kandi tugomba kumwizera kugira ngo tubabarirwe burundu ibyaha byacu ndetse n'umubano wacu n'Imana Yera wungwe cyangwa usubizweho.

Isezerano rya Kera rigizwe n'amoko atanu y'ibitabo: Ibitabo

bitanu by'Amategeko, ibitabo cumi na bibiri by'Amateka, ibitabo bitanu by'Ubusizi, ibitabo bine by'Abahanuzi Bakuru (umwe muri bo yanditse ibitabo bibiri), n'ibitabo cumi na bibiri by'Abahanuzi Bato.

Isezerano Rishya na ryo rigizwe n'ubwoko butanu bw'ibtabo: ibitabo bine by'umwirondoro wa Yesu (ibitabo by'ubutumwa bwiza), igitabo kimwe cy'amateka (Ibyakozwe n'Intumwa), inzandiko cumi n'eshatu za Pawulo, inzandiko rusange umunani, n'igitabo kimwe cy'ubuhanuzi (Ibyahishuwe).

BIBILIYA

Hitamo igisubizo kimwe cyeretse bisabwe ko utanga ibirenze kimwe.

1. Ni iki tuba tuvuga iyo tuvuze ko Bibiliya "yera"?
   a. Ko igomba gusomwa n'abera gusa.
   b. **Ko yatanzwe n'Imana.**
   c. Ko iruhije cyane kuyisobanukirwa.
   d. Ko abayanditse bose ari abera.
2. Ni iki 2 Timoteyo 3:16-17 havuga kuri Bibiliya?
   a. Ko yahumetswe n'Imana.
   b. Ko ifite akamaro ko gukosora.
   c. Ko itwigisha ubukiranutsi.
   d. Iduha imbaraga zo gukora imirimo myiza.
   e. **Byose hamwe.**
3. Abantu bandika ibitabo bigize Bibiliya, ibitekerezo byavaga he?
   a. Byavaga mu bushobozi bwabo bwo guhanga no gusobanukirwa.
   b. Mu muco.
   c. Barasomye bakora ubushakashatsi bwinshi.
   d. **Bayobowe n'Umwuka Wera. Yabahumekeyemo ibitekerezo bye.**
4. **Ni ukuri** cyangwa si Ukuri? Yesu niwe Jambo ry'Imana rifite ubugingo maze Bibiliya ikaba ijambo ry'Imana ryanditse.

Isezerano Rya Kera

Isezerano rya Kera ritubwira ukuntu abantu bagomye (bacumuye) n'igituma twaratandukanye n'Imana- ibiremwa muntu byose. Ubutane bw'Imana n'umuntu ni cyo kibazo gikuru ibyanditswe bigerageza gukemura. Ubutumwa nyamukuru bw'Isezerano rya Kera ni Yesu azaza kugira ngo atwunge n'Imana.

Amategeko	Amateka	Ubusizi	Abahanuzi Bakuru	Abahanuzi Bato
Itangiriro	Yosuwa	Yobu	Yesaya	Hoseya
Kuva	Abacamanza	Zaburi	Yeremiya	Yoweli
Abalewi	Rusi	Imigani	Amaganya	Amosi
Kubara	1 Samweli	Umubwiriza	Ezekiyeli	Obadiya
Gutegeka	2 Samweli	Indirimbo ya Salomo	Daniyeli	Yona
	1 Abami			Mika
	2 Abami			Hahumu
	1 Ingoma			Habakuki
	2 Ingoma			Zefaniya
	Ezira			Hagayi
	Nehemiya			Zekariya
	Esiteri			Malaki

5. Ni Ukuri cyangwa **si Ukuri**? Isezerano rya Kera riteguye ku buryo ibitabo bikurikirana uko byagiye byandikwa.
6. **Ni Ukuri** cyangwa Si Ukuri? Ibitabo by'Isezerano rya Kera bishyirwa mu byiciro bitanu bitandukanye.
7. **Ni Ukuri** cyangwa si Ukuri? Itandukaniro rikuru riba hagati y'Abahuzi Bakuru n'Abahanuzi Bato ni indeshyo y'inyandiko za byo.

8. Shushanya umurongo uva ku bwoko bw'ibitabo ujya ku mubare w'ibyo bitabo muri Bibiliya:
   a. Amategeko — i.5
   b. Amateka — ii.5
   c. Ubusizi — iii.5
   d. Abahanuzi Bakuru — iv.12
   e. Abahanuzi Bato — v.12
9. Ni mu buhe bwoko bw'ibitabo Imana yabwiriyemo ubwoko bwayo bwa mbere itandukaniro riba hagati y'icyiza n'ikibi? **AMATEGEKO**

(**Amategeko**, Amateka, Ubusizi, Abahanuzi Bakuru, Abahanuzi Bato)

10. Ubutumwa nyamukuru bw'Isezerano rya Kera ni ubuhe?
    a. Umuntu agomba kumvira Amategeko y'Imana kandi akabaho ubuzima butunganye kugira ngo yemerwe n'Imana itunganye rwose.
    b. Imana ni urukundo kandi izaha umugisha abantu bose.
    c. **Yesu araje, kandi naza azunga Imana b'ibiremwa muntu byayo.**
    d. Ntabwo ari ngombwa. Isezerano Rishya ni ryo rya ngombwa.

Isezerano Rishya

Isezerano Rishya ritubwira ubuzima bwa yesu- ibitangaza yakoze, inyigisho yigishije, kubambwa kwe no kuzuka kwe. Kandi ritubwira n'ukuntu Umwuka Wera yaje mu buzima bw'abizera Yesu n'ukuntu itorero rya mbere ryari rimeze. Kimwe cya kabiri kirenga cy'Isezerano Rishya kigizwe n'inzandiko zandikiwe amatorero yashinzwe nyuma yo kuzuka kwa Yesu Kristo. Inyinshi muri zo zanditswe na Pawulo.

Amateka	Inzandiko za Pawulo	Inzandiko Rusange	Ubuhanuzi
Matayo	Abaroma	Abaheburayo	Ibyahishuwe
Mariko	1 Abakorinto	Yakobo	
Luka	2 Abakorinto	1 Petero	
Yohana	Abagalatiya	2 Petero	
Ibyakozwe	Abefeso	1 Yohana	
	Abafilipi	2 Yohana	

Abakolosayi
1 Abatesalonika
2 Abatesalonika
1 Timoteyo
2 Timoteyo
Tito
Filemoni

3 Yohana
Yuda

11. **Ni Ukuri** cyangwa si Ukuri? Ubutumwa bukuru bw'Isezerano Rishya ni uko Yesu yaje.
12. Ni Ukuri cyangwa **si Ukuri**? Isezerano Rishya niryo rivuga kuri Yesu Kristo gusa.
13. **Ni Ukuri** cyangwa si Ukuri? Umwirondoro wa Yesu muri bibiliya witwa "Ibitabo by'Ubutumwa bwiza."
14. Shushanya umurongo uva ku bwoko bw'ibitabo ukagera ku mubare w'ibitabo bigize ubwo bwoko:
    a. Umwirondoro/Ubutumwa bwiza — i.1
    b. Amateka — ii.1
    c. Inzandiko za Pawulo — iii.4
    d. Inzandiko Rusange — iv.8
    e. Ubuhanuzi — v.13
15. Inkuru y'ubuzima, urupfu no kuzuka iri mu buhe bwoko bw'ibitabo? **Ubutumwa Bwiza.**

(**Ubutumwa Bwiza,** Amateka, Inzandiko za Pawulo, Inzandko Rusange, Ubuhanuzi)

Mu butumwa twumvise, ni nkuru ki tubona ko Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya zihuriyeho? Ni iki ibi bikubwira ku kamaro k'iyi ngingo? Kuki kwiga kuri iyi ngingo ari ingira kamaro kuri wowe?

_____
_____
_____

Shimira Imana umurimo wayo kandi uyibaze uko wayimenya ndetse ukayikunda urushaho kwiga ijambo ryayo. Yisabe igufashe gusobanukirwa icyo ijambo rivuga, icyo risobanuye, n'ukuntu warishyira mu bikorwa mu buzima bwawe buri munsi.

Kujya Imuhengeri

1. Dushingiye ku byo Pawulo yandikiye Timoteyo, nituvuge zimwe mu ntego z'Ijambo ry'Imana.

   _____
   _____
   _____

2. Ni gute intego zo mu kibazo cya mbere zigomba guhindura uko agaciro duha ibyo dusanga muri Bibiliya?

   _____
   _____

3. Ni kuri ki dusanga muri Bibiliya? (Sobanura Yohana 17:17; 7:17)

4. Iyo dusanze ukuri muri Bibiliya, ni gute twashyira mu bikorwa uko kuri? Kuki?

5. Ni gute wowe usobanura guhumekerwa nk'uko bivugwa n'Ijambo ry'Imana?

6. Ni gute Ijambo ry'Imana ryahindura ubuzima bwawe uko ugenda urisoma?

7. Mbese intego y'Ijambo ry'Imana ni ukuduha umugisha cyangwa kutugira umugisha? Bisobanure.

8. Ikibazo nyamukuru kivugwa n'Isezerano Rishya ni iki?

9. Isezerano rya Kera rigamije iki by'ukuri? (Subiza mu magambo abiri gusa)

10. Ni gute tugomba gusoma ubwoko butanu bw'ibitabo bigize Isezerano rya Kera?

11. Kuki ari ngombwa ko twiga amateka y'Abaheburayo? (Sobanura 1 Abakorinto 10:11)

12. Hari amateka dusanga mu bitabo by'Amategeko? Bisobanure.

13. Ibaze igihugu kubaho kitagira amategeko na mba. Sobanura uko byaba bimeze.

14. Iyo ugiye guterana mu rusengero, mbese wumva wahitamo kumva Umuhanuzi mukuru cyangwa Umuhanuzi Muto? Kuki? Sobanura uko ibyo bitabo bitandukana ndetse n'isano bifitanye.

15. Vuga mu magambo abiri gusa, Isezerano Rishya icyo rigamije.

16. Kuki ibitabo bine bya mbere byo mu Isezerano Rishya byitwa “Ubutumwa Bwiza”? Ni buryo ki birenze kuba ari umwirondoro gusa?

17. Inzandiko za Pawulo zitandukaniye he n’Inzandiko Rusange?

18. Igitabo cy’Ibyakozwe n’Intumwa kidutegura gute kwiga inzandiko zo mu Isezerano Rishya?

19. Nk’uko usanga amateka mu bitabo by’Amategeko, ni nako usanga amateka mu bitabo by’Ubutumwa Bwiza, mu Nzandiko, no mu Ibyahishuwe. Mbese tugomba gusoma no gusobanura ibi byanditswe by’amateka nk’uko dutegekwa gusoma no gusobanura amateka yo mu Isezerano rya Kera? (1 Abakorinto 10:11) Kuki tugomba kubigenza kimwe cyangwa kuki tutagomba kubigenza kimwe?

16. Ni uruhe rufunguzo Yesu yaduhaye rukingura cyangwa ruhishura ibyanditswe byose? (Sobanura Yohana 5:39,40).

17. Vuga ubwoko butanu bw’ibitabo byo mu Isezerano Rishya.

Akamaro ka Bibiliya

Igice cya 2
Inyigisho y’Amajwi: Isomo rya Kabiri ry’Isesengura ry’Isezerano rya Kera

Intego: Kumenya uko Bibiliya yabayeho n’icyatumye Imana iyiduha.

Kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n’ubushake bw’umuntu, ahubwo abantu b’Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n’Umwuka Wera. —2 Petero 1:21

Uhereye ku itangiriro ukageza ku musozo, Bibiliya ivuga Yesu Kristo. Bibiliya igira intego ennye zishyigikira uko kuri. (1) Kugaragaza ko Yesu Kristo ari we Mukiza n'Umucunguzi w'isi; (2) Kutugaragariza ibihe Yesu yaziyemo; (3) Gufasha utizera akizera Yesu; na (4) Kwereka abizera uko Imana ishaka ko tubaho.

Bibiliya yanditswe n'Imana. Bibiliya ni ihishurirwa rw'umwihariko ryuzuye. Ntabwo ikirimo kwandikwa ngo yongerweho. Imana yakoresheje abantu bagera kuri 40 kwandika Bibiliya. Bari abantu b'ingeri zose: Abami, Abarobyi, Abatambyi, Abashumba, Abagenerari, ndetse n'umuhinzi.

Isezerano rya Kera ryarangiye guhuzwa neza mu mwaka wa 100 Nyuma yo Gupfa kwa Yesu, nubwo ryari rimaze imyaka myinshi cyane rikoreshwa. Ibitabo byashyirwaga mu Isezerano rya Kera hashingiwe ku bwizerwa bw'ababyanditse n'ubuhamya bwabo nk'abahanzi cyangwa abanditsi. Isezerano rya Kera ryanditswe mu Giheburayo.

Ibitabo byo mu Isezerano Rishya byatoranijwe ndetse bihuzwa mu mwaka wa 692 Nyuma yo Gupfa kwa Yesu, nubwo byari bimaze imyaka myinshi bikoreshwa. Byatoranijwe hashingiwe ku ibintu bitatu: Iyo cyabaga cyaranditswe n'umwe mu ntumwa za Yesu cyangwa icyegera cy'intumwa; iyo cyabaga gifite ubutumwa bw'umwuka bwigishaga ubuntu abizera; n'iyo igitabo cyahamanyaga n'ibintu biabo byachumetswe ndetse n'iyo abakuru b'Itore bemeranyaga ko cyahumetswe n'Imana. Isezerano Rishya ryanditswe mu Kigiriki.

Hitamo igisubizo kimwe cyeretse nibisabwa ko uhitamo ibirenze kimwe.

1. Ni Ukuri cyangwa **si Ukuri**? Bibiliya ni igitabo cyifashishwa kwigisha ingeso nziza.
2. **Ni Ukuri** cyangwa si Ukuri? Bibiliya ihina inkuru yayo nyuma y'ibice bya mbere bikeya byo mu Itangiriro maze ubundi ikibanda kuri Aburahamu n'urubyaro rwe.
3. Ni Ukuri cyangwa **si Ukuri**? Dushingiye kuri Bibiliya, tubona ko Yesu Kristo yoherejwe guha umugisha Aburahamu n'abamukomokaho gusa.
4. Ni iki muri ibi gisobanura Bibiliya neza kurusha ibindi?
   a. Ni amateka yo kujijuka
   b. Ni igitabo cyifashishwa kwigisha siyanse

c. Ni igitabo cya filozofi
d. **Ni amateka yo gucungurwa**

5. Muri Luka 24:25-27 Yesu yabwiye abigishwa be ko umuntu uvugwa n'ibyanditswe byose ari nde?
   a. **Ni we bwite**
   b. Mose
   c. Adamu
   d. Dawidi

"Atangirira kuri Moses no ku bahanuzi bose, abasobanurira mu byanditswe byose ibyanditswe kuri we."—Luka 24: 27

6. Mu Bitabo by'Ubutumwa Bwiza, umwirondoro wa Yesu, ni gikorwa ki cyandikwa kurusha ibindi byose?
   a. Kuvuka kwe
   b. Imyaka ye 30 ya mbere
   c. Umurimo yakoze
   d. **Icyumweru cye cya nyuma, harimo umusraba no kuzuka**

7. Ni bantu ki banditse ibitabo bya Bibiliya?

_____

(Ab'ibwami, Abami, Abahinzi borozi, abarobyi, abahanuzi, abatambyi, abakozi ba leta, umuganga, abajenerari, abakoresha b'ikoro)

8. Ni nyandiko ki zabitswe mu rwego rwo kubungabunga Bibiliya?
   a. Imizingo yanditsweho bwa mbere
   b. **Kopi nyazo z'ibyanditswe mbere zarinzwe neza**
   c. Kopi zisa n'ibyanditswe mbere, ariko zidahuje neza ijana ku ijana.
   d. Kopi zahinduwe kenshi cyane mu myaka myinshi

9. Iyo ihishurirwa ry'umuntu bwite (Iyo Imana ibwiye umuntu ijambo) rihabanye n'ihishurirwa ry'umwihariko (Bibiliya), ukuri kuba ari ukuhe?
   a. **Ihishurirwa ry'umwihariko**
   b. Ihishurirwa ry'umuntu
   c. Biterwa n'icyabiteye.
   d. Ntabwo twabimenya.

10. Twamenya dute ko Bibiliya ari ijambo ry'Imana by'ukuri?
    a. Nta kuntu twabimenya.
    b. Byadusaba gukora ubushakashtsi.
    c. Uyisomye wese ahita abimenya ako kanya.
    d. Iyo dufite ubushake bwo kumvira Bibiliya no gukora ibyo ivuga, ihindura ubuzima bwacu, kandi nibwo tumenya ko ari ijambo ry'Imana.

Uribuka igihe twavugaga ku guhishurirwa? Ihishurirwa rusange n'icyo twise "ihishurirwa ry'umwihariko" bitandukana bite? Imana iduhishurirwa ite ukuri kwayo muri iki gihe?

_____

_____

_____

Turashimira Imana kubw'iyi nyigisho ya Bibiliya. Saba Imana kugira ngo ikwigishe ibintu byinshi n'ukuntu washyira mu bikorwa Ukuri kwayo guhoraho mu buzima bwawe. Saba Imana kugira ngo ikoreshe iyi nyigisho kugira ngo yigarurire benshi batayizi, bayimenye ko ari yo Mana nzima yonyine,

kandi uyisabe kugira ngo ikuyobore ku muntu ugomba gutumira muri izi nyigisho.

Kujya Imuhengeri

1. Muri Luka 24: 25-27; 44, 45, ni kuri ki Yesu yabwiye intumwa ze kwatumye bahumuka amaso bagasobanukirwa ibyanditswe? Ni gute uko kuri kwagushoboza gusobanukirwa Bibiliya? (Soma na Yohana 5: 39, 40)
   _____
   _____
   _____
2. Ibi wabisanisha ute no kuvuga ko iyo ugeze ku gice cya 12 cy'Itangiriro, ibikurikiraho byose ni inkuru ya Aburahamu n'abamukomokaho, ari nawe amahanga yo mu isi yose yaherewemo umugisha?
   _____
   _____
   _____
3. Ni gute Yesu yaduhize kugira ngo tugaragaze ko inyigisho ze ari inyigisho z'Imana? (Yohana 7:17) Ibi ni gute bigomba guhindura uburyo wagaragaza ko uretse inyigisho za, na Bibiliya yose ni jambo ryahumetswe n'Imana?
   _____
   _____
   _____
4. Ni iki kindi tugomba gushakisha dusoma Bibiliya, kiyongera ku gushakisha Kristo muri Bibiliya yose? (Soma cyangwa wige Yohana 17:17)
   _____
   _____
   _____
5. Ko tuzi igihe urupapuro rumara, ni iki cyagombaga gukorwa kugira ngo tube dufite Bibiliya uyu munsi?
   _____
   _____
   _____
6. Tanga kandi usobanure impamvu ennye zatumye Bibiliya ibaho.
   _____
   _____
   _____
7. Sobanura uko tumenya icyumweru cy'ingenzi cyane mu buzima bwa Yesu Kristo mu bitabo bine by'Ubutumwa bwiza, kandi utange n'impamvu?
   _____
   _____
   _____

Uko Wakwiga Bibiliya

Igice cya 3
Inyigisho y'Ijwi: Isomo rya Gatatu ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera

Intego: Kumenya uko wakwiga Bibiliya no gushyira mu ngiro ukuri kwayo mu buzima.

Ariko rero mujye mukora iby'iryo jambo, atari ugupfa kuryumva gusa mwishuka. —Yakobo 1:22

Ni gute twakunguka cyane dusomye Bibiliya? Iyo dusomye Bibiliya twitonze cyane kandi dufite ubwenge maze tukayumvira, Imana iyikoresha guhindura ubuzima bwacu. Ariko iyo tumenye icyo ibyanditswe bivuga gusa, ntidushyire mu bikorwa, kwiga kwacu cyangwa kumenya kwacu nta cyo kwaba kumaze. Ubumenyi budashyizwe mu bikorwa nta kamaro kugira.

Kwiga Bibiliya kwiza gukorwa mu byiciro bitatu: Kureba icyo icyanditswe kivuga, gusobanura, no gushyira mu bikorwa. Mu yandi magambo, iyo tugiye gusoma ijambo ry'Imana, twibaza ibi bibazo bitatu: "Kivuze iki?" "Gisobanuye iki?" na "Kinsobanuriye iki?" Mu gihe urimo kunyura muri ibi byiciro bitatu usoma Bibiliya, wibuke no guhsyira mu ngiro aya mahame:

1. Nubwo umurongo waba ufite igisobanuro kimwe gusa, hari ubwo wasanga uwo murongo ufite uburyo bwinshi cyane washyirwa mu bikorwa. Ntutekereze ko Umwuka Wera azashyira mu bikorwa umurongo w'icyanditswe nk'uko awushyira mu bikorwa mu bugingo bwawe.
2. Bibiliya ni igitabo kivuga Yesu. Urasabwa kumushakisha mu byanditswe byose igihe urimo kuyisoma.
3. Ujye uhora usobanura ibyanditswe biruhije ukoresheje ibyanditswe bifite ubusobanuro bwumvikana neza.
4. Ntukabumbure Bibiliya ngo usome icyanditswe wamaze kugena mu bitekerezo byawe icyo icyo cyanditswe kivuze.
5. Ujye uhora usoma Bibiliya usenga, usaba Imana kukwigisha.
6. Jya uhorana ubushake bwo kumvira ijambo ry'Imana mbere y'uko uryigisha abandi.
7. Jya uhora ubanza kumenya intego nyamukuru y'icyanditswe, uwacyanditse, uwo yacyandikiye, n'amateka y'icyo gihe yadufasha gusobanukirwa icyo cyanditswe.
8. Jya uca bugufi kandi wemere ko hari ibyanditswe udasobanukiwe.

Nukurikiza aya mahame, Imana izakoresha Bibiliya guhindura ubuzima bwawe mu buryo bukomeye cyane. Igitabo cya mbere cya Bibiliya kidufasha kwimenya no kumenya isi yacu uko twagenwe ndetse n'uko turi ubu. Ubusobanuro bw'Igitabo cy'Itangiriro ni uko ari "itangiriro rya byose." Mu gitabo cy'Itangiriro niho tubona icyaha cya mbere, uko Imana yavuganye bwa mbere n'umuntu, niho tubona ukoikibi cyangwa amakimbirane yaje muri iyi si, niho tumenyera iby'urubanza rw'Imana ndetse n'iby'agakiza k'isi yose. Uhabona inkuru zikurikirana zitwereka ko Imana ari yo itegeka byose ndetse ko kuyizera ari byo bitwunga nayo.

Hitamo igisubizo kimwe gusa, cyeretse aho uribubwirwe guhitamo ibirenze kimwe.

1. **Ni Ukuri** cyangwa si Ukuri? Kureba icyo icyanditswe kivuga nirwo rutambwe rwa mbere ruterwa igihe cyose wiga icyanditswe runaka.
2. **Ni Ukuri** cyangwa si Ukuri? Iyo tudashyize mu bikorwa ibyo twize, kwiga kwacu ntabwo kuba kugize icyo kutumariye.
3. **Ni Ukuri** cyangwa si Ukuri? Igitabo cya mbere cyo muri Bibiliya kivuga itangiriro ry'isi.
4. Ni Ukuri cyangwa **si Ukuri**? Igice kinini cy'igitabo cy'Itangiriro kivuga uko abantu ba mbere babayeho ubuzima buboneye mbere yuko icyaha kinjira mu isi.
5. Twasobanura dute ko Ijambo ry'Imana ari ukuri?
   a. Dukoresheje ubwenge bwacu
   b. Dukoresheje uko twumva tubaye iyo turisomye
   c. **Turyizera ndetse tukarishyira mu bikorwa**
   d. Turisomye mu ndimo ryanditswemo bwa mbere
6. Kuki Imana yaduhaye Bibiliya?
   a. Kuko ishaka kuvugana natwe
   b. Kuko ishaka ko tugira ubugingo buhoraho
   c. Kuko idukunda
   d. **Byose**
7. Impamvu nyamukuru yo gusoma no kwiga Bibiliya ni iyihe?
   a. Biduhesha amahirwe.
   b. **Kumva ijwi ry'Imana**
   c. Kugaragaza ko tuzi byinshi
   d. Kumenya amateka
8. Ca umurongo uva kuri buri rwego rwo kwiga Bibiliya ujya ku kibazo kibazwa muri urwo rwego.
   a. Kwitegereza — i. Kinsobanuriye iki?
   b. Gusobanura — ii. Kivuze iki?
   c. Gushyira mu bikorwa — iii. Gisobanuye iki?

9. Ni ikihe muri ibi bibazo cyagira akamaro kibajijwe mu gice cyo gushyira mu bikorwa?
   a. Haba harimo imburizi zigomba kuzirikanwa?
   b. Haba harimo ibyaha byo kuzibukira?
   c. Haba harimo ingero zakurikizwa?
   d. Haba harimo ukuri kuvuga Imana cyangwa Yesu?
   e. **Byose**
10. Ni buryo ki bwaba bwiza bwo gusemura ibyanditswe biruhije?
   a. Gerageza kumenya imyizerere mishya Imana ishaka ko tumenya.
   b. Guhitamo ubusobanuro bworoshye cyane aho guhitamo uburuhije.
   c. Ntugashaka kubisobanukirwa byose. Abashumba nibo bonyine basobanukirwa Ijambo ry'Imana.
   d. **Senga maze usabe Imana igufashe gusobanukirwa mze ubundi wemerere ibyanditswe kuyobora imitekerereze yawe.**
11. Ni iki muri ibi cyarinda umuntu gusemura icyanditswe uko kitari?
   a. Kwihitiramo icyo icyanditswe kivuga.
   b. Kumenya ko buri murongo ufite igisobanuro kimwe gusa.
   c. **Kugerageza kumenya icyo inkuru ikikije icyo cyanditswe ivuga.**
   d. Kwemerera buri gitabo cyo muri Bibiliya kikivugira, aho kugira ngo ugerageze kumenya isano gifitanye n'ibindi bitabo.
12. Ni nde mwigisha wa Bibiliya ukunda cyane?
   a. **Umwuka Wera**
   b. Umushumba wawe
   c. Umuryango wawe
   d. Imihango y'umuco wanyu

Mu byo igitabo cy'Itangiriro kitubwira ku nkomoko y'umuntu n'icyaha cya mbere, ibi bidufasha bite gusobanukirwa uko umuntu ameze muri iki gihe?

_____

_____

_____

Shimira Imana Ijambo ryayo no kuba ufite aya mahirwe yo kuryiga. Senga maze usabe Imana kukwigisha ibyo ishaka ko umenya byose ndetse n'uko washyira mu bikorwa ukuri kw'ijambo ryayo mu buzima bwawe. Saba Imana ko yagufasha kumva, gusobanukirwa, no kumvira. Saba Imana igufashe kuyimenya no kumenya ijambo ryayo neza, ndetse ubere umuhamya ukomeye umuryango wawe n'inshuti zawe zitazi Imana.

Kujya Imuhengeri

1. Sobanura mu magambo make icyo kwitegereza icyo icyanditswe kivuga bivuze.

   _____
   _____
   _____

2. Tanga ingero nyinshi z'amahame tugomba gukurikiza igihe kwitegereza icyanditswe biganisha ku gusemura icyo cyanditswe.

   _____
   _____
   _____

3. Sobanura neza akamaro ko gushyira mu bikorwa n'ukuntu ishyira mu bikorwa ryiza riterwa no kwitegereza icyanditswe neza no gusemura.

   _____
   _____
   _____

4. Ni nde ugomba kukwigisha igihe urimo gusoma no kwiga ijambo ry'Imaa? (Soma 1 Abakorinto 2:9-16)

   _____
   _____
   _____

5. Sobanura uko gusanisha no guhuza imyandiko y'ibyanditswe dusoma n'ibindi byanditswe bya Bibiliya yose bidufasha gusobanukirwa neza ibyanditswe turimo gusoma cyangwa kwiga.

   _____
   _____
   _____

6. Igitabo cy'Itangiriro gifite ntego ki?

   _____
   _____
   _____

7. Ni buryo ki Yesu yatweretse twasemura ndetse tugashyira mu bikorwa igitabo cy'Itangiriro? (Soma Matayo 19: 3-6)

   _____
   _____
   _____

Mbese Inkuru Yo Kurema Ni Ukuri?

Igice cya 4
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya Kane ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera

Intego: Kumenya isano inkuru ya Bibiliya yo kurema na siyansi bifitanye.

Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi. — Itangiriro 1:1

Hari ibitekerezo bibiri bihabanye bivuga siyanse idahamya ngingo yo kurema . Igitekerezo kimwe kivuga ko inkuru yo kurema yo mu Itangiriro itakwizerwa, bivuze ko Bibiliya itagomba kwemerwa nk'ukuri cyangwa ko yahumetswe n'Imana. Ikindi gitekerezo ni ikivuga ko siyanse itagomba kwizerwa iyo idahamanya n'ubusobanuro bwacu bw'inkuru yo kurema. Nyamara ikibazo kigomba kwibazwa ni uko niba Bibiliya na siyanse bihuza. Bibiliya ntabwo ari igitabo mfashanyigisho cy'isomo rya siyanse; ni igitabo mfasha nigisho cy'agakiza. Bibiliya ikoresha ibice bitageze kuri bibiri mu bice 1,189 itubwira uko isi yatangiye.

Tugomba kumenya ko Imana itashyirwa mu nyigo ya siyanse. Imana ntabwo wayipima cyangwa ngo uyigaragaze. Siyanse ntabwo ikorana n'ibintu byo kwizera. Siyanse ntabwo yahishura ko Imana ibaho cyangwa itabaho.

Hari ibintu byinshi Bibiliya yemeranyaho na siyanse. Urugero, abanyasiyanse bemera ko hari igihe ubwo isi yose yari itwikiriwe n'amazi, kandi n'igitabo cy'Itangiriro niko kivuga. Abanyasiyanse bemera ko ubuzima bw'ibinyabugingo bwahereye mu mazi, kandi na Bibiliya niko ivuga.

Ijambo ry'Igiheburayo "bara" risobanuye "kurema ntacyo ukoresheje." Iri jambo rikoreshwa inshuro eshatu gusa mu nkuru yo kurema yo mu Itangiriro. Izindi nshuro zose ijambo "kurema" rikoreshwa, rituruka mu yandi magambo y'Igiheburayo avuga gufata ikintu gisanzweho maze ugahindura ishusho yacyo. Ijambo "bara" rikoreshwa gusobanura kurema ko mu itangiriro (ku murongo wa 1) ubwo Imana yaremaga ibintu byose: ubwo Imana yaremaga inyamaswa (umurongo wa 21); ubwo Imana yaremaga abantu (umurongo wa 27).

Izi nshuro eshatu Imana irema ikintu runaka ikiremesheje ubusa ni nabyo bintu bitatu bibura muri siyanse. Abahakanya inkuru yo kurema yo mu Itangiriro ntabwo bashobora gusobanura uko kurema byagenze; ntabwo basobanura uko ubuzima bw'ibimera buba ubuzima bw'inyamaswa; kandi ntabwo basobanura uko ubuzima bw'inyamaswa n'abantu buba ubuzima bw'ibimera. Itangiriro risobanura ibyo byose rikoresheje ijambo "bara"- "Imana yararemye."

Hitamo igisubizo kimwe gikwiriye ikibazo cyeretse nubwirwa guhitamo ibisubizo birenze kimwe.

1. Ni Ukuri cyangwa **Si Ukuri**? Imana itugomba igisobanuro cy'ukuntu yaremye ibintu byose.
2. **Ni Ukuri** cyangwa si ukuri? Siyanse ni isomo ry'ibintu bigira igihamya cyangwa bigomba gupimwa cyangwa kugaragazwa inkomoko yabyo.
3. Mbese birashoboka ko twakwegera Imana tunyuze mu buryo bwa siyanse? **Oya**
4. Mu rutonde rukurikira, shyira mu ruziga buri kintu uzi ko siyanse ari cyo yibandaho cyane. Hanyuma ushyira ikimenyetso cyo gukosora kuri buri kintu cyibandwaho na Bibiliya.
   a. **Imibare**
   b. Kwizera
   c. Guhishurirwa
   d. **Igihamya gipimwa**
   e. Tewologiya
   f. **Isuzuma**
   g. Inararibonye
   h. Ibitangaza
   i. **Ibintu karemano**
5. Imana itubwira kuyegera dute? **Mu kwizera** (Abahaburayo 11:1)
6. Dushingiye ku Itangiriro igice cya 1 n'icya 2 ni iki cyaje mbere mu irema? (Huza iby'iburyo n'iby'ibumoso uca akarongo kabihuza).
   a. Ubuzima bw'abantu — i. Icya mbere
   b. Ubuzima bw'inyamaswa — ii. Icya kabiri
   c. Ubuzima bw'ibimera — iii. Icya gatatu
7. **Ni Ukuri** cyangwa si ukuri? Akamaro ka Bibiliya ntabwo ari ukuduha ibisubizo bya siyanze, ahubwo ni ukubwira ikiremwa muntu umugambi w'Imana wo gucungura.

Ni ibiki bisa hagati y'ukuntu siyanse na Bibiliya bivuga kuerma kw'isi n'ijuru n'ibirimo byose?

_____

_____

_____

Utekereza ko ari iki cyatumye Imana idasobanura byose mu nkuru yo kurema yo mu Itangiriro?

_____

_____

_____

Utekereza ko biterwa ni iki kuba umuntu agerageza gusobanura itangiriro ry'isi yacu n'ubuzima bwa muntu bitagira

umuremyi?

Imana ishimwe kuko yaremye mu buryo butangaje, kubw'imbabazi zayo, n'ubuntu bwayo. Yisabe kugira ngo ukomeze kwizera kwawe kandi ikwereke umugambo wayo ku buzima bwawe ubu urimo kwiga iyi nyigisho. Nurangiza uyisabe imbaraga zo kumvira.

Kujya Imuhengeri

1. Kuki Imana yaduhaye ibice bibiri gusa ku ngingo yo kurema, kandi Bibiliya igizwe n'ibice 1,189?

2. Ubusobanuro bw'ahantu hatatu hahinyuza inkuru ihakanya kurema, n'inkuru yo kurema ikoresha ijambo "bara" aho hantu hatatu?

3. Uzirikana ukuntu ibintu byose byatangiye n'imyumvire ya siyanse ya "big bang", ubona byoroshye kwemera Imana nkuru cyangwa kwemera inkuru ya big bang? Sobanura.

4. Ni buryo ki inkuru yo mu Itangiriro yemeranya na siyanse?

5. Amakimbirane ya mbere aba hagati ya siyanse n'inkuru yo mu Itangiriro yo kurema ni iyihe?

6. Vuga igituma Imana n'ibintu by'umwuka bidahura n'imyumvire ya siyanse. (Soma Yohana 4:24)

7. Kuki Imana yatubwiye ibyo kurema? (Soma Zaburi 51:10; 2 Abakorinto 5:17)

Kuvuka kw'Ikiremwa Muntu

Igice cya 5
Inyigisho y'Ijwi: Isomo rya Gatanu ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera

Intego: Kumenya icyatumye Imana irema ibiremwa muntu.

Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye, umugabo n'umugore ni ko yabaremye. —Itangiriro 1:27

Ibiremwa muntu byaremwe mu ishusho na kamere y'Imana. Dufite ubushobozi bwo kuba abanyamwuka, guhanga ibintu, gutekereza, kwiyumvira, kandi dufite ubushobozi bwo gutumanaho.

Ishusho y'Imana iturimo yandujwe igihe Adamu na Eva bacumuraga, maze ibindi byanditswe byose bikemura iki kibazo: kongera kurema ishusho y'Imana mu muntu kugira ngo umunyabyaha agirane umubano n'Imana year. Itangiriro igice cya 1 na 2 hatwereka umuntu uko yagenwe kumera. Itangiriro igice cya 3 hatwereka umuntu uko ari.

Imana yaremye umugore mu rubavu rw'umugabo, ntabwo ari mu mutwe, kugira ngo amutegeke, kandi ntabwo yamuremye amukuye mu kirenge cye, kugira ngo amubere umugaragu. Yaturutse mu rubavu rwe kugira ngo ahore hafi y'umutima we. Umugore niwe wuzuza umugabo. Umugabo n'umugore bahurijwe mu mubiri umwe baba umuntu wuzuye.

Urushako ni umubano w'umwihariko. Umugabo asiga se na nyina, kandi agasiga abantu bagore bose akabana n'umugore we wenyine. Umugore nawe akabigenza atyo. Uyu ni umugambi w'Imana ku rushako. Umubano wa mbere kandi w'ingenzi kurusha iyindi yose ni umubano wabo n'Imana. Uko bagera Imana, ni ko begerana ubwabo.



Hitamo igisubizo kimwe gikwiriye ikibazo cyeretse nubwirwa guhitamo ibisubizo birenze kimwe.

1. Ni Ukuri cyangwa **si Ukuri**? Kuremwa mu ishusho y'Imana bivuze ko imibiri yacu isa n'Imana.
2. **Ni Ukuri** cyangwa si Ukuri? Urushako (na urugo) niho hantu h'ingenzi cyane ku isi hahuza abantu.
3. Utekereza ko ishusho y'Imana yabaye iki nyuma y'uko umuntu acumuye?
   a. Yarazimiye burundu. Ntabwo twakongera kuyibona.
   b. Yarandujwe, ariko twayitunganya turamutse tugerageje cyane gukora ibyiza.
   c. Twarayitakaje, ariko twasa n'Imana turamutse twumviye amategeko y'Imana.
   d. **Yarandujwe, ariko twayisubizwa n'Imana binyuze mu kubyarwa n'Umwuka, tukaba ibyaremwe bishya, mu mitima yacu**.
4. Iyo umugabo n'umugore badafitanye umubano n'Imana bombi, umubano wabo uba iki?
   a. Nta kintu. Nta cyo bitwara.
   b. Bituma urushako rugorana cyane, ariko bakomeza bakaba umwe nk'uko Imana yabigennye.
   c. **Ntabwo bashobora kuba umwe mu mwuka.**
5. Dushingiye ku ijambo ry'Imana, umugabo n'umugore bashyingiwe mu rushako rwera ndetse n'ubumwe bw'imibonano mpuzabitsina baba:
   a. **Babaye umuntu umwe mu buzima bwabo bwose.**
   b. Babaye abantu babiri batandukanye
   c. Babaye umuntu umwe by'agateganyo
   d. Bashaka ibibazo.
6. Umubano wawe n'ababyeyi bawe umera ute iyo ushatse cyangwa iyo wubatse?
   a. Ntabwo uba ukiri ngombwa.
   b. **Uba ari ngombwa, ariko umubano w'abashakanye niwo w'ingenzi.**
   c. Nta gihinduka. Ababyeyi bacu nibo bagomba guhabwa ibanze.
7. Haba iki iyo umukobwa ashyingiwe?
   a. Imana ntabwo iba ikimufata nk'umuntu umwe.
   b. Agomba gukomeza kubaho ubuzima bwa wenyine adahuza n'umugabo we.
   c. **Nubwo yuzuza umugabo we, Imana ikomeza kumufata nk'umuntu ku giti cye.**
   d. Ishinginano agira yonyine ni iyo kubyara abana gusa.
8. Intego yo kubaho k'umuryango ni iyihe?
   a. Ni kuba ahantu h'ubufatanye mu buzima.
   b. Ni ukuba ahantu ho kurerera no kurererwa.
   c. Ni ukwagura umuryango wa muntu muri rusange.
   d. **Ibi byose.**
9. Ni buryo ki bwiza umuntu yabonamo urushako rukwiriye ?
   a. **Kugerageza kuba umufasha cyangwa umutware ukwiriye.**
   b. Kugerageza gufasha uwo mwashakanye aba ukwiriye.
   c. Kugerageza kugira abana bawe abakwiriye.

d. Kugerageza kubona ubuzima bwiza.

10. Ni magambo ki muri aya avuga umugambi w'Imana ku rushako? (Hitamo ibisubizo byose ubona ko ari ukuri)

a. **Wagenwe n'Imana** b. **Intego**
c. Uwagateganyo d. **Uhoraho**
e. Utari ngombwa f. **Ufite Umwihariko**
g. **Kwizerwa** h. Gutana
i. **Ubumwe**

Iyo wibutse ko waremwe mu ishusho y'Imana bituma wumva ubaye ute? Kumenya ko icyaha cyanduje iyo shusho bituma wumva ubaye ute?

_____

_____

_____

Soma Zaburi 51:10- *"Mana, undememo umutima wera, unsubizemo umutima ukomeye*." 2 Abakorinto 5:17 – *"Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya."* Ni gute twakongera kubona ishusho y'Imana?

_____

_____

_____

<u>Igisubizo: Ntabwo twabishobora. Imana niyo yonyine ishoboye kurema ubuzima n'ubuzima bushya muri twe kandi ikaduha ishusho yayo mu buzima bwacu.</u>

Senga kandi ushimire Imana ko yakuremye kandi ikaba ishaka kugirana umubano nawe. Saba Imana kugira ngo igufashe kuyimenya birushijeho ndetse no kugira ngo iguhe imbaraga zo kuyikurikira buri munsi. Niba warubatse, yisabe kugira ngo igufashe kuba umufasha cyangwa umutware wubaha Imana. Niba utarubaka, ntusenge gusa ngo Imana iguhe umufasha cyangwa umutware wubaha Imana, ahubwo ngo nawe ikugire umufasha cyangwa umutware wubaha Imana.

Kujya Imuhengeri

1. Vuga mu magambo make icyo bivuze iyo dusoma ngo umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana? (Soma Yohana 4:24) Mbese byaba bivuga imibiri yacu cyangwa cyangwa ubushobozi bwacu bwo kuba ibiremwa by'binyamwuka?

   _____

   _____

   _____

2. Ubwo bushobozi bw'ishusho bwabaye iki nk'uko bisobanurwa n'igice cya gatatu cy'igitabo cy'Itangiriro?

   _____

   _____

_____

3. Ubwo bushobozi bw'ishusho bwagarurwa bute? (Soama Zaburi 51:10; 2 Abakorinto 5:17, 18)
   _____
   _____
   _____
4. Ni gute umuntu yaba umufasha cyangwa umutware cyangwa umubyeyi ukwiriye?
   _____
   _____
   _____
5. Kuki umubano w'urushako ugomba kuba umubano uhoraho, ufite umwihariko kandi wagenwe n'Imana?
   _____
   _____
   _____
6. Kuki urushako n'umuryango ari yo mishanga y'ingenzi cyane yaremwe n'Imana? (Soma Zaburi 127, 128)
   _____
   _____
   _____
7. Ni iki kirusha ikindi akamaro- umuryango cyangwa urusengero? Kuki?
   _____
   _____
   _____

Uri he?

Igice cya 6
Inyigisho y'amajwi: Isomo rya Gatandatu ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera

Intego: Kumenya uko icyaha cyaje mu isi.

Uwiteka Imana ihamagara uwo mugabo, iramubaza iti "Uri he?" Arayisubizo ati "Numvise imirindi yawe muri iyi ngobyi, ntinyishwa n'uko nambaye ubusa, ndihisha." Iramubaza iti "Ni nde wakubwiye ko wambaye ubusa? Wariye kuri cya giti nakubujije kuryaho? —Itangiriro 3:9-11

Adamu na Eva bahuye n'ikibazo bagombaga gufata icyemezo twese duhura na cyo buri gihe. Mbese turashaka kubaho uko Imana ishaka cyangwa turashaka kubaho uko twishakiye? Imana yari yashyize Adamu na Eva mu ngombyi nziza cyane kandi ibaha buri giti cyiza cyose cyaribwa kandi ibaha n'igiti cy'ubugingo. Kandi yashyize mu ngombyi igiti cyo kumenya icyiza n'ikibi maze ibabuza kukiryaho.

Imana imaze gushyira Adamu na Eva mu ngobyi, yabahaye buri kintu bazakenera cyose. Imana yari izi ibyifuzo byabo

kuko ari yo yabaremye. Kandi kuko yaturemye, izi ibyifuzo byacu kandi ifite umugambi mwiza wo kubikemura.

Adamu na Eva ntabwo bizeye Imana gusa kugira ngo ibe ari yo ibakemurira ibyifuzo byabo. Itangiriro 3 ni ishusho y'abantu babiri bacumuye n'ukuntu Imana yabagenjeje, ariko kandi ni ishusho yacu twese abacumuye. Hatwereka uko Imana itugenza iyo tuyihishe nyuma yo gucumura. Ni ishusho y'icyaha n'ingaruka za cyo. Ndetse ni ishusho y'Imana ishakisha umunyabyaha kandi ikingura imirongo y'itumanaho.

1. **Ni Ukuri** cyangwa si Ukuri? Duhorana amahitamo yo gukora ubushake bw'Imana cyangwa gukora ubushake bwacu.
2. Ni Ukuri cyangwa **si Ukuri**? Imana ntabwo yahaye Adamu na Eva ibibahagije ubwo yabashyuraga u ngobyi ya Edeni.

Hitamo igisubizo kimwe gusa gikwiriye ikibazo cyeretse nubwirwa guhitamo ibisubizo birenze kimwe.

3. Igitabo cy'Itangiriro gisobanura ubuzima gute?
   a. Uko bwari buri
   b. Uko buri
   c. **Byombi**
   d. Nta na kimwe
4. Imana yatanze ibiti kugira ngo bikemure ibyifuzo by'ijisho ry'umuntu, hanyuma bigakemura ibyifuzo bye by'ibyokurya, ndetse bikamuha ubuzima. Igiti cyo kumenya yarakibujijwe. Shyira ku murongo ibi bintu uko Adamu na Eva babikoraga.

a. Amaso	i.**Ibokurya**
b. Ibyokurya	ii.**Amaso**
c. Ubuzima	iii.**Kumenya**
d. Kumenya	iv.**Ubuzima**

5. Soma cyangwa wumve Gutegeka kwa Kabiri 8:3. Ushingiye kuri iki cyanditswe, ubona ko ubuzima bwacu buva he?
   a. Mu byokurya turya
   b. Mu guhabwa ibyo twifuza
   c. **Mu ijambo ry'Imana**
   d. Mu gukurikira ubushake bwacu

...kugira ngo ikumenyeshe yuko umuntu adatungwa n'umutsima gusa, ahubwo yuko amagambo yose ava mu kanwa k'Uwiteka ari yo amutunga.—Gutegeka 8: 3

6. Soma cyangwa wumve Matayo 6:22-23. Iyo Bibiliya ivuze ijambo "ijisho," iba ivuze iki?
   a. **Imyumvire yacu n'imitekerereze ku buzima**
   b. Imigambi yacu bwite
   c. Amaso yacu nyayo, yo ku mubiri
   d. Ijambo ry'Imana

Itabaza ry'umubiri ni ijisho. Ijisho ryawe nirireba neza, umubiri wawe wose uba ufite umucyo, ariko niriba ribi umubiri wawe wose uba ufite umwijima. Nuko umucyo ukurimo nuba umwijima, mbega uwo mwijima uko uba ari mwinshi! - Matayo 6:22-23

7. Ni iki kuba Adamu na Eva barariye imbuto zo ku giti cyo kumenya bisobanuye?
   a. Guhishurirwa guturutse ku Mana
   b. Siyanse
   c. **Kugerageza kwikemurira ibyifuzo byacu**
   d. Icyifuzo cy'Imana cyo kugira ngo dukomeze kugendera mu bujiji
8. Kuki Imana yabajije Adamu na Eva ibibazo?
   a. Yashakaga kumenya ibisubizo.
   b. **Yashakaga ko batura ibyo bari bakoze.**
   c. Yashakaga guhana uwabahaye amakuru.
   d. Yashakaga kumenya niba bibuka amakosa bakoze.
9. Kwatura ibyaha byacu bivuze iki?
   a. Gusobanura icyatumye tubikora
   b. Kubwira Imana maze ikareka kuduhana
   c. Kwemera ko hari undi muntu byakomerekeje
   d. Kuvuga ko tubabajwe no kubabaye iyo dufashwe dukora ikintu kibi.
   e. **Kwemeranya n'Imana kubyo twakoze**
10. Bibiliya ni inkuru y' _____ .
    a. Umuntu ashaka Imana
    b. **Imana ishaka umuntu**

Mbese waba urimo "kurya imbuto zo ku giti cyabujijwe"? Izo mbuto zituma wumba ubaye ute? Kuki? Utekereza ko Imana ishaka ko ubyitwaramo ute? Kuki?

_____

_____

_____

Senga maze waturire Imana niba ubona utari aho ugomba kuba mu mubano wawe n'Imana. Saba Imana kugira ngo igufashe kuyizera ko yagukemurira ibyifuzo byawe no kuguha imbaraga zo kunesha amoshya y'amaso yacu, irari ry'imibiri yacu, n'ririrari ryo mu buzima bwacu.

Kujya Imuhengeri

1. Ni iki igice cya gatatu cy'igitabo cy'Itangiriro kitubwira ko cyabaye mu ngobyi ya Edeni?

_____
_____
_____

2. Sobanura icyo ibiti byo mu ngobyi ya Edeni bisobanuye.
_____
_____
_____

3. Sanisha icyo ibyo biti bivuze n'inyigisho ya Yesu yo muri Matayo 6:22,23.

_____
_____
_____

4. Kuki Umuremyi yabajije ibibazo ibiremwa bye?

_____
_____
_____

5. Ni kuri ki kugaragarizwa mu kuba Imana yarabajije ibi?

_____
_____
_____

6. Sanisha iyi nkuru n'ikibwiriza gikomeye cyabwirijwe na Mose mu Gutegeka 8:1-3 ko tutabeshwaho n'umutsima gusa ahubwo na buri jambo ryavuzwe n'Imana.

_____
_____
_____

7. Ibi bigaragaza bite urukundo rw'Imana?

_____
_____
_____

Mwene so Ari he?

Igice cya 7
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya Karindwi ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Kumenya bimwe mu bintu bitera amakimbirane n'uburyo bwo kuyakemura.

"Uwiteka abaza Kayini ati 'Ni iki kikurakaje, kandi ni iki gitumye ugaragaza umubabaro? Nukora ibyiza ntuzemerwa? Ariko nudakora ibyiza, ibyaha byitugatugira ku rugi, kandi ni wowe byifuza ariko ukwiriye kubitegeka.'" — Itangiriro 4:6-7

Ubwiyunge ni isomo ry'ingenzi muri Bibiliya. Tugomba kwiyunga n'Imana, kandi dukeneye kwiyunaga na bagenzi bacu. Ariko amakimbirane ni kimwe mu bibazo bikomeye cyane tugira. Itangiriro 4 hadufasha kumenya bimwe mu bintu bitera amakimbirane na bimwe mu bisubizo.

Kayini na Abeli bazaniye Imana ibitambo, ariko ibya Abeli nibyo byemewe byonyine. Umugambi wa Kayini ku Mana ntabwo wari muzima. Kwangwa kwa Kayini kwamuteye kurakara no kubabara, maze nyuma aza kwica murumuna we mu burakari bwinshi. Umurongo wa 7 ni ingenzi cyane ku kumenya amakimbirane yahabaye: nidukora ibikwiriye kandi byemewe, Imana izatwemera kandi n'abandi bazatwemera, kuburyo tutazarakarira abemewe. Abacira abandi imanza bazanezerwa cyane nibireba bakabanza kuzicira mbere yuko bazicira abandi. Umuntu wita ku bibazo bye ntabwo asuka uburakari bwe ku bandi.

Nk'uko umupilote w'indege yayobye agomba gusubira mu nzira nzima, natwe tugomba kwibuka inzego eshanu zadufasha gusubira mu nzira nzima. Ni izi:

1. Atura- Emera ko wayobye.
2. Urira- Jya mu cyerekezo cy'Imana (Imana irimo kuza igusanga).
3. Ifate- Wikwihutira gufata ibyemezo bikomeye.
4. Vuga- Baza Imana icyerekezo cyayo ku buzima bwawe.
5. Umvira- Imana nigira icyo ikubwira, ujye uhora ukora icyo ikubwiye.

Hitamo igisubizo kimwe gusa gikwiriye ikibazo cyeretse nubwirwa guhitamo ibisubizo birenze kimwe.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Ubuhanuzi bwa mbere muri Bibiliya buhanura Yesu Kristo buri mu itangiriro.
2. Ni Ukuri cyangwa **si ukuri**? Kayini amaze kwica Abeli, yakemuye ibibazo bye byose.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Kayini yanze kwmera icyaha cye kugeza ubwo Imana yabimumenyesheje neza ko yari akizi na mbere hose.
4. Kuki igitambo cya Kayini kitemewe?
   a. Ni uko atatambye igitambo cy'inyamaswa.

b. Ntabwo igitambo cye cyari gihagije Imana.
c. Yatinze cyane gutamba igitambo cye.
d. **Umutima wa Kayini ntabwo wemewe.**

5. Ni iki cyateye Kayini kwica Abeli?
   a. Abeli yirataga cyane ubukiranutsi bwe.
   b. Abeli yateye mukuru we ubwoba.
   c. **Kayini yagiriye ishyari Abeli kuko igitambo cye cyemewe maze ararakara.**
   d. Yari agifite uburakari mu mutima we.
6. Soma cyangwa wumve Matayo 7:1-5. Ni iki Yesu abwira abantu bacira abandi imanza gukora?
   a. **Yababwiye kubanza kwita ku buzima bwabo bwite maze bakemure ibibazo byabo mbere yuko bacira abandi imanza.**
   b. Kugaragaza amakosa y'abandi bose.
   c. Gucira imanza abandi uko ijambo ry'Imana ribivuga.
   d. Gutuza ntibihebe cyane.

"Ntimugacire abandi urubanza mu mitima yanyu kugira ngo namwe namwe mutazarucirwa, kuko urubanza muca ari rwo muzacirwa namwe, urugero mugeramo ari rwo muzagererwamo namwe. Ni iki gituma ubona igatotsi kari mu jisho rya mwene so, ariko ntiwite ku mugogo uri mu jisho ryawe? Cyangwa wabasha ute kubwira mwene so uti 'Henga ngutokore agatotsi mu jisho ryawe', kandi ugifite umugogo mu jisho ryawe? Wa ndyarya we, banza wikuremo umugogo uri mu ryawe jisho, kuko ari bwo wabona uko utokora agatotsi mu jisho rya mwene so.'" Matayo 7:1-5

7. Ni ikihe kibazo cyaba cyiza kubaza igihe waba warakaye?
   a. Nakwihorera nte?
   b. **Ni iki kinteye kurakara?**
   c. Nahindura nte umuntu unkosereza?
   d. Nigute nakwinezeza?
8. Inkuru ya Kayini na Abeli igaragaza _____.
   a. **Amakimbirane.**
   b. Amahoro
   c. Itumanaho.
   d. Guca imanza
9. Inkuru y'umwuzure ivuga _____.
   a. Amakimbirane.
   b. Amahoro.
   c. Itumanaho.
   d. **Guca imanza.**
10. Ni abahe bantu mugirana amakimbirane? (Bagaragaze bose)
    a. Jye ubwanjye
    b. Uwo twashakanye
    c. Abana
    d. Ababyeyi
    e. Umuryango ngomokamo
    f. Inshuti
    g. Abayobozi
    h. Abo dukorana
    i. Abandi bantu tuziranye

(**ibisubizo biratandukanye ku bantu batandukanye)**

Ni bintu ki bitera amakimbirane hagati yawe n'abandi? Haba hari ikintu ukeneye kwaturira Imana, ukihana?

_____
_____
_____

Senga maze usabe Imana igufashe mu mibanire yawe n'abantu kugira ngo ugire imwumvire mizima kandi ukore ibikwiriye.

Kujya Imuhengeri

1. Sanisha ikiranga cyerekezo cy'umupolite utwaye indege n'icyerekezo cyawe bwite cyo mu mwuka igihe wumva wayobye.

_____
_____
_____

2. Ni ibihe bibabzo bitanu Imana yabajije Kayini?

_____
_____
_____

3. Ni ikihe kibazo cyari ingenzi cyane kurta ibindi? (Soma Itangiriro 4:7) Kuki?

_____
_____
_____

4. Inkomoko nyayo ndetse n'icyateye Kayini kurakara ni iki?

_____
_____
_____

5. Icyari gifite akamaro cyane ni iki- abagabo cyangwa amaturo? Kuki?

_____
_____
_____

6. Gereranya iyi nkuru ya Kayini na Abeli n'inyigisho ya Yesu yo muri Matayo 7:1-5.

_____
_____
_____

7. Sanisha iyi nkuru n'uburakari bwawe bwite cyangwa n'akababaro kawe bwite.

_____
_____
_____

Sekuru wo Kwizera

Igice cya 8
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya Munani ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera

Intego: Kumenya akamaro ko kwizera dukoresheje urugro rwa Aburahamu.

Ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza, kuko uwegera Imana akwiriye kwizera yuko iriho, ikagororera abayishaka. —Ababeburayo 11:6

Aburahamu yitwa sekuru wo kwizera, kandi avugwa mu Isezerano Rishya kenshi kurusha undi muntu wese wo mu Isezerano rya Kera. Igihe Aburahamu yari afite imyaka 75 y'ubukure, Imana yamubwiye kuva mu gihugu cye akajya mu gihugu cy'ubutayu. Yanamubwiye ko aza sekuru w'amahanga menshi. Kugira ngo umugabo w'imyaka 75 utarigeze abyara yizere iryo sezerano byasabaga kwizera cyane.

Imana niyo yatangije uwo mubano yiyereka Aburahamu inshuro umunani. Aburahamu yabyakiriye yubaka ibicaniro bine mu gihe cy'imyaka myinshi, buri gicaniro kigaragaza urwego rwe rwo kumaramaza yumvira ndetse agendana n'Imana. Igicaniro cya kane yacyubatse abisabwe n'Imana kugira ngo atambe Isaka, umwana yasezeranijwe, ni cyo cyari gikomeye cyane. Aho Aburahamu yahagaragarije ko yizera Imana ijana ku ijana kandi ko Imana ari iya mbere mu buzima bwe.

Hitamo igisubizo kimwe cyeretse aho uribusabwe ibirenze kimwe.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Aburahamu yagiraga kwizera buri gihe kandi yiringiraga Imana burundu.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Aburahamu yari yishimiye kutamba Isaka.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Mu nkuru ya Aburahamu tubona ko Imana yari ifitanye umubano n'umutu, kuko Imana ari yo yatangiye uwo mubano.
4. Uribuka ibicaniro bine Aburahamu yubatse agaragaza

gukura ko gukunda no kwizera Imana kwe? Huza ibi bicaniro n'ubutumwa Aburahamu yarimo gutanga muri buri gicaniro.

a. Mu bibaya bya Moriya (kwigisha/ gushaka)
b. Hagati ya Hayi na Beteli (Hagati y'agahinda n'inzu y'Imana)
c. Heburoni(Ubusabane)
d. Ku musozi Moriya (Imana iziironkera)

i. "Nyigisha"
ii. "Ndashaka kukumenya"
iii. "Imana mbere."
v. "Simbizi"

5. Ni iki Aburahamu na Sara bakoze Imana ikimara kubabwira ko izabaha umwana w'umuhungu?
   a. Bagiye impaka n'Imana.
   b. **Barasetse.**
   c. Bizeye Imana burundu.
   d. Babwiye Imana bitashoboka kuko bashaje cyane.
6. Ni iki inkuru ya Isimayeli itubwira?
   a. Gusohora k'umugambi w'Imana.
   b. Igihamya cyo kwizera kwa Aburahamu.
   c. Uko Aburahamu yiringiye Imana burundu.
   d. **Umwanzi mukuru w'icyiza cyane cy'Imana ni ikintu cyiza.**
7. Ni inkuru ya Loti itubwira?
   a. **Abantu tugira mu buzima bwacu kandi Imana itabashakamo.**
   b. Abantu Imana ikoresha kudukomeza.
   c. Abantu b'ingero zo kwizera.
   d. Abantu babaye ingero zo kwera.
8. Ni iki Sara ahagarariye?
   a. Abantu badusitaza
   b. **Abantu tudafata nk'umugisha w'Imana mu bugingo bwacu.**
   c. Abagore barusha abagabo babo kuba abizerwa.
   d. Kuba Imana ihora ikora ibyo tuyitegerejeho.
9. Imana yakoze iki Aburahamu amaze gushyira Imana ku mwanya wa mbere mu buzima bwe, atamba Isaka?
   a. Imana yatanze igitambo gisimbura Isaka.
   b. Imana yahaye Aburahamu umugisha.
   c. Imana yasohoje amasezerano yayo yose.
   d. **Ibi byose.**

Ubutumwa bwa Bibiliya bwashyirwa mu ncamake y'aya magambo "Imana Mbere." Haba hari ibice byo mu buzima bwawe aho Imana itari iya mbere? Ni ngamba ki wafata zo kuyigira iya mbere mu buzima bwawe?

_____
_____
_____

Shimira Imana ku rugero rwiza rwo kwizera kwa Aburahamu. Senga usabe Imana gukomeza kwizera kwawe ndetse no kugira ngo umenye kandi ukurikire Imana nk'uko Aburahamu yabigenjeje. Saba Imana igushoboze kuyishyira ku mwanya wa mbere mu buzima bwawe no kuyizera burundu mu buzima bwawe bwose.

Kujya Imuhengeri

1. Iyo Imana ishaka kugira ikintu gikomeye ivuga, igishyira mu muntu. Ni gitekerezo ki Imana yashyize muri Aburahamu? (Abaheburayo 11:6)

   _____
   _____
   _____

2. Ni gute amazina abiri y'uyu mugabo yagaragaje gukomera ko kwizera kwe?

   _____
   _____
   _____

3. Ni gute ibicaniro bine bya Aburahamu bigaragaza ubukure bwe n'iterambere ryo kwizera kwe?

   _____
   _____
   _____

4. Sanisha buri gicaniro n'ubukure n'iterambere ryo kwizera kwawe bwite.

   _____
   _____
   _____

5. Mu buryo bw'ishyira mu bikorwa, ni bingahe muri ibi bicaniro wubatse mu rugenda rwawe rwo kwizera? Bisobanure.

   _____
   _____
   _____

6. Sobanura icyo Loti, Ishimayeli, Sara na Isaka bahagarariye mu bukure bwo kwizera kwa Aburahamu.

   _____
   _____
   _____

7. Vuga kandi usobanure ibintu bibiri byatangiwe cyangwa byagaragarijwe ku Musozi Moriya, aho Aburahamu yubakiye Uwiteka icaniro cya mbere.

   _____
   _____
   _____

Uri nde?

Igice cya 9
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya cyenda ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Kumenya abo Imana ishaka ko tuba.

Aramusubiza ati "Ntucyitwa Yakobo ukundi, ahubwo uzitwa Isirayeli, kuko wakiranije Imana n'abantu ukanesha. Yakobo yita aho hantu Penuweli ati "Ndebesheje Imana amaso, sinapfa." —Itangiriro 32:28, 30

Yakobo yarimo gukurura agatsinsino ka mwene nyina Esawu barimo kuvuka. Bakura Yakobo yakomeje ingeso yo gukurura, asaba Esawu ngo amugurishe umurage we w'umwana w'imfura ndetse abeshya se ngo amuhe umugisha wagenewe Esawu. Bitewe n'uburakari bwa Esawu, byabaye ngombwa ko Yakobo ahunga. Arimo guhunga aza kugira inzozi maze Imana imusezeranya kumugira umuragwa w'isezerano yasezeranye Aburahamu. Hashize imyaka makumyabiri arimo kugaruka iwabo, haba ikintu kidasanzwe, akirana n'Imana ijoro ryose. Imana iherako yita Yakobo irindi zina- Isirayeli kuko yashakaga ko Yakobo amenya agaciro ke nyakuri. Ariko mbere yuko Yakobo yitwa iryo zina, byabaye ngombwa ko Imana imutera ubumuga budakomeye kugira ngo Yakobo ajye yiringira Imana, aho kwiyiringira ubwe.

Hari ikindi kimwe gikomeye cyane kir mu nkuru ya Yakobo tutagomba gucikwa. Kuko Yakobo yari umwesikoro cyane, Imana ntabwo yari bumuhe umugisha itabanje kumuvuna. Hari ubwo ibura ubundi buryo yatugeraho, maze igahitamo kubanza kutuvuna- gusa n'aho itumugaje, igatuma ari yo yonyine twiringira. Ni uko byagendekeye Yakobo. Nyuma Yakobo yaje kumenya icyo Imana irimo kuvuga. Nyuma aje guhura na mukuru we Esawu, yamuhaye ubuhamya amubwira ko yabonye imigisha myinshi n'abana n'amatungo, "*kuko Imana yampereye ubuntu*." (Itangiriro 33:11)

Yakobo yize isomo rikomeye cyane nk'iryo natwe dukeneye kwiga. Yakobo yamenye ko yahawe umugisha, atawuhawe no gukurura iby'abandi, ahubwo yawuhawe n'ubuntu ndetse n'imbabazi z'Imana. Ubuntu ni igihe Imana idusukaho umugisha tudakwiriye. Imbabazi ni igihe Imana itaduha ibyo tugomba.

Hitamo igisubizo kimwe gusa cyeretse nusabwa guhitamo ibirenze kimwe.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Imana yasezeranije Yakobo ko izamurinda aho ajya hose maze ikazamugarura iwabo.
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Imana yahaye umugisha Yakobo ubwo yamumenyeshaga agaciro ke ndetse inamuha izina rishya.
3. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Iyo Yakobo ataza kurwana kandi akabeshya akabandi ngo abone umugisha w'imana, Imana nabwo iba yarawumuhaye.
4. Ni iki muri ibi bintu gisobanura umugambi w'Imana ku buzima bwa buri muntu?
   a. Abo tugomba kuba bo.
   b. Icy tugomba gukora.
   c. Aho tugomba kuba.
   d. **Ibi byose.**
5. Izina rya Yakobo rivuze iki? _____
   a. Umuti wizewe
   b. Kwera.

c. Umunyakuri.
d. **Umukuruzi.**

6. Imana yahaye Yakobo izina rishya rya “Isirayeli.” Iri zina rivuze iki?
   a. Umubeshyi.
   b. Umusuhuke.
   c. **Intwari.**
   d. Kwera.
7. Ni iki Imana yatwaye Yakobo mbere yuko imuha umugisha?
   a. Yamwigishije gukomera
   b. Yamusubije ubutaka bwe.
   c. **Yavunnye kwiyiringira kwe.**
   d. Yamuhaniye kubeshya.
8. Ni ikihe cyerekezo Imana yigishije Yakobo kureba?
   a. Kureba hejuru.
   b. Kwirebamo imbere.
   c. Kureba impande.
   d. **Ibi byose.**
9. Ni iki inkuru ya Yakobo itwiigsha ku buntu bw’Imana n’imbabazi z’Imana? (Hitamo ibyo ubona byose ko ari ibisubizo)
   a. **Imana idusukaho umugisha tudakwiriye.**
   b. Imana ntabwo ishaka abanyabyaha.
   c. **Imana iturinda igihano tugomba.**
   d. Imana nta mbabazi nyinshi n’ubuntu bwinshi igira.
10. Ni nyigisho ki Imana yigishije Yakobo kuburyo natwe Yakobo yazitwigisha? (Hitamo ibyo ubona byose ko ari ibisubizo)
    a. **Kuyiringira.**
    b. **Kwaturira Imana abo turi bo.**
    c. Gukurura no kubeshya kugira ngo tubone ibyo dushaka.
    d. **Kugandukira Imana.**
    e. **Kubaza Imana abo ishaka ko tuba.**
    f. **Kuba mu mugambi Imana ifitiye isi yose.**

Ahari yenda ababyeyi bawe, umuryango wawe, cyangwa inshuti zawe bakwise izina cyangwa bagushizeho icyapa gihabanye n’uko Imana ikubona. Utekereza ko Imana ivuga iki ku gaciro kawe? (Niba utabizi, saba Imana ikwereke icyo igutekerezaho ndetse n’uwo ishaka ko uba).

_____

_____

_____

Shimira Imana kubw’inkuru ya Yakobo kandi usabe Imana kukwereka uwo ishaka ko uba. Shimira Imana kuko ubuntu n’imbabazi yahaye Yakobo nawe wabibona. Saba Imana igufashe kuyiringira mu buzima bwawe bwose kugira ngo ube ube uwo yifuza ko uba, kandi igufashe kurekera aho gushikuza no kubeshay ano kwesikoroka ngo ubone ibyo ushaka.

Kujya Imuhengeri

1. Ni gitekerezo ki gikomeye Imana yashyize muri Yakobo?

   _____
   _____
   _____

2. Ni bintu ki bitatu Imana yigishije Yakobo ubwo yakiranaga na marayika? (Itangiriro 32)

   _____
   _____
   _____

3. Kuki Imana yahinduye izina rya Yakobo ikamwita Isirayeli?

   _____
   _____
   _____

4. Kuki Imana yabanje kumugaza Yakobo mbere yuko imwambika ikamba ry'umugisha wayo?

   _____
   _____
   _____

5. Ni iki twakwiga tugereranya uko Yakobo yasubije ikibazo cya Isaka cyo mu gice cya 27, kigira kiti, "Uri nde?" n'igihe Imana yabazaga iti "Witwa nde?" mu irushanwa ryo gukirana ryo mu Itangiriro 32?

   _____
   _____
   _____

6. Ni iki Yakobo yari ashatse kuvuga ubwo yahuraga na Esawu nyuma y'imyaka 20 yabanaga na nyirarume maze akabwira mukuru we ati, "Uwiteka yampereye ubuntu"?

   _____
   _____
   _____

7. Ni butumwa ki wakura muri iyi nkuru ya Yakobo na Esawu yo mu Itangiriro ukabushyira mu ngiro mu buzima bwawe?

   _____
   _____
   _____

Imana Itegeka

Igice cya 10
Inyigisho y'Ijwi: Isomo rya 10 ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Kumenya uko Imana ikoresha ibintu biba mu buzima bwacu kugira ngo idutegurire inshingano yaduteguriye.

“Ku bwanyu mwari mushatse kungirira nabi, ariko Imana yo yashakaga kubizanisha ibyiza, kugira ngo isohoze ibi biriho none, ikize abantu benshi urupfu.”—Itangiriro 50:20

"Kandi tuzi yuko kubakunda imana byose bifatanirira hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk’uko yabigambiriye.”—Abaroma 8:28

Inkuru ya Yozefu ni inkuru itangaje itugaragariza gukora kw’Imana. Nubwo Yozefu yanyuze mu bintu biruhije cyane, ntabwo yigeze areka kwizera Imana. Yozefu yagurishijwe na bene se mu bucakara, arabeshyerwa, ashyirwa mu nzu y’imbohe, yibagirwa n’abari bamusezeranyije ko bazamufasha, maze hashize igihe azamurwa mu ntera ashyirwa ku mwanya w’icyubahiro. Imana niyo yagengaga ibyo bintu byose, kandi yakoresheje ibihe biruhije bya Yakobo gusohoza umugambi wayo. Inkuru ya Yozefu itwereka ko ari nta mibereho mibi cyane Imana itakoresha ngo ikuremo icyiza.

Hitamo igisubizo kimwe gusa cyeretse nubwirwa guhitamo ibirenze kimwe.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Ikibazo cya Yozefu cyari gikomeye cyane ku buryo Imana itashobora kugikemura.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Byari bikwiriye ko Yozefu agira ibibazo yabonye byose.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Imana yahaye Yozefu umugisha kuko yakomeje kuba umwizerwa muri byose.
4. Bene se wa Yozefu bitwaye bate Yozefu ababwiye inzozi ze?
   a. Ntabwo zabateye ubwoba.
   b. Bamenye umugambi w’Imana.
   c. **Barakariye Yozefu.**
   d. Bubashye Yozefu.
5. Imana yakoze yitwaye ite mu nzozi za Yozefu?
   a. **Imana yaramwubashye. Imana niyo yamuhaye izo nzozi.**
   b. Imana yararakaye, ariko iramubabarira.
   c. Imana yararakaye maze ibwira bene se kumwica.
   d. Imana yahinduye gahunda yayo ngo ihuze n’inzozi za Yozefu.
6. Inkuru ya Yozefu igaragaza iki? (Hitamo ibyo ubona ko ari

ibisubizo byose).

a. **Ntabwo tugomba kwesikoroka kugira ngo tubone ubuntu bw'Imana.**
b. Hari ubwo inanirwa kugenga ubuzima bwacu.
c. **Imana ikoresha ibihe biruhije kudushyira aho twakora ubushake bwayo.**
d. **Imana iri hejuru y'imibereho yose, ndetse n'ikibi.**

7. Wamera ute uramutse ugambaniwe n'umuryango wawe maze ukamara imyaka myinshi mu bucakara no mu nzu y'imbohe? (Hitamo ibyo ubona byose ko ari ukuri; ibisubizo biratandukana ku bantu batandukanye)
   a. Narakara
   b. Nababara
   c. Nababarira
   d. Nabanga
   e. Ubwizerwa
   f. Ubushari
   g. Nakwishima
   h. Nanyurwa
   i. Nakwihorera
8. Wasobanura ute umubano wa Yozefu n'umuryango we?
   a. Wari mwiza
   b. Wari woroshye
   c. **Wari wuzuyemo amakimbirane**
   d. Wari wuzuyemo urukundo
9. Ni bantu ki bazitiye umugambi w'Imana ku buzima bwa Yozefu?
   a. Se
   b. Bakuru be
   c. Umugore wa sebuja wo muri Egiputa.
   d. Bagenzi be b'infungwa.
   e. **Ntabo**

Witwara ute iyo uhuye n'ibyago n'amakuba mu buzima bwawe? Sobanura uko Imana yaba ikoresha ibyago n'amakuba kugutegurira imigambi yayo?

_____

_____

_____

Shimira Imana urugero rwiza rwa Yozefu maze usenge usabe Imana kukwigisha gushimira no mu bihe biruhije byo mu buzima bwawe. Saba Imana kukwereka icyo ishaka ko wigira mu bihe biruhije n'umugambo wayo ku buzima bwawe. Nk'uko yakoresheje Yozefu, Imana irashaka kugukoresha nawe gukiza inzara yo mu mwuka umuryango wawe n'inshuti zawe. Saba Imana iguhe ubuntu n'imbabazi zo kubabarira, n'imbaraga zo kubwiriza ubutumwa bwiza.

Kujya imuhengeri

1. Ni gitekerezo ki gikomeye Imana yashyize mu buzima bwa Yozefu?

   _____
   _____
   _____

2. Niba twemera Gutanga kw'Imana, mbese twemerewe gukoresha amagambo nka kubw'amahirwe cyangwa bitunguranye?

   _____
   _____
   _____

3. Niba Yozefu ataragombaga kunyura mu bintu yanyuzemo byose, nyuma yo kongera kubonana na bene se yaba yaratekereje ko ibi byose byamubayeho byatewe n'iki? (Soma Itangiriro 45:5; 50:20)

   _____
   _____
   _____

4. Inkuru ya Yozefu asobanura ite Abaroma 8:28, hatubwira ko nidukunda Imana kandi tukaba twarahamagawe nk'uko umugambi wayo uri, izafata ibitubaho byose ikabiduhinduriramo ibyiza?

   _____
   _____
   _____

5. Iki cyanditswe n'inkuru ya Yozefu ni gute bitwigisha ko ibitubaho byose bitubaho ku mpamvu yo kugirirwa neza kwacu nidukunda Imana kandi tugahamagarwa nk'uko umgambi wayo uri?

   _____
   _____
   _____

6. Ubwo tutashobora guhobera Umwuka, gukunda Imana nk'uko Pawulo abyigisha ndete nk'uko Yozefu yayikunze bivuze iki?

   _____
   _____
   _____

7. Miliyoni nyinshi z'abantu bo muri iki gihe bavukiye mu miryango irimo ibibazo, kandi hakaba na miliyoni nyinshi z'abantu bagize ihungabana mu buzima bwabo. Ahari yenda nawe uri umwe muri bo. Kora uko ushoboye usome iyi nkuru y'umugabo wahuye n'ibibazo biteye n'ibyawe cyangwa yenda binaruta ibyawe. Sobanura uko Imana yamuhaye ubuntu bwo kwitwara neza mu bibazo yahuye na byo.

   _____
   _____
   _____

Kurema Umuntu Umukuye mu busa

Igice cya 11
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya Cumi na Rimwe ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Kumenya uko Imana yakoresheje Mose n'ukuntu natwe yadukoresha.

Uwiteka aramubwira ati "Ni ukuri mbonye kubabara k'ubwoko bwanjye buri muri Egiputa, numvise gutaka batakishwa n'ababakoresha uburetwa, kuko nzi imibabaro yabo. Kandi manuwe no kubakiza mbakure muri icyo gihugu, mbajyane mu gihugu cyiza kigari, c'amata n'ubuki. —Kuva 3:7-8

Ikibazo gikuru kiri mu gitabo cyo Kuva ni ikibazo cy'ubucakara. Igisubizo ni ukubohorwa. Imana yahamagariye Mose kuba umucunguzi Abisirayeli bair bakeneye. Nk'uko igitabo cyo Kuva ari ishusho yo gucungura, cyangwa agakiza, ubuzima bwa Mose ni ishusho nini cyane yo kuba umucunguzi.

Mu myaka mirongo ine ya mbere ya Mose igihe yakuriraga i bwami kwa Farawo, Mose yize ko ari umuntu udasanzwe. Hanyuma Imana yigisha Mose ko ari ntacyo ari cyo ubwo yamujyanaga mu butayu. Imana iza kongera kwiyereka Mose maze imubwira ko yaba ingira kamaro cyane Imana ibaye iri kumwe nawe. Imana yigishje Mose guca bugufi kugira ngo amukoresheje nk'umucunguzi w'ubwoko bwayo.

Ukuri kw'ingenzi twigishwa n'Imana binyuze muri Mose kwahinwa muri ubu buryo; "Umugambi w'Imana ni ugukoresha Imbaraga z'Imana mu bwoko bw'Imana gusohoza imigambi y'Imana." Imana irashaka gukoresha ubwoko bwayo gusohoza imigambi yayo.

Hitamo igisubizo kimwe cyeretse nusabwa guhitamo ibisubizo birenze kimwe.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Mose yahaye ubwoko bw'Imana ibyo bashakaga byose ndetse n'ibyo bari bakeneye byose.
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Agakiza ni ukubohorwa cyangwa gucungurwa mu byaha, atari ku mpamvu y'igihano cy'ibyaha gusa, haba ubu ndetse o mu bihe bizaza, ahubwo ni no kubohorwa mu mbaraga z'icyaha mu buzima bwacu muri iki gihe.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Tudafite Ijambo ry'Imana ntabwo twamenya kuramya Imana.
4. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Muri Bibiliya handitse ko Imana ikoresha umuntu ufite ubushobozi kurusha abandi bose.

5. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Imana ntabwo ishaka ko tuba ibikoresho yakoresha kubohora abandi bantu bu bubata bw'icyaha.
6. Ni iki cyatumye Mose yica Umunyegiputa?
   a. Yangaga Abanyegiputa.
   b. **Yabonye Umunyegiputa akubita Umuheburayo maze agirira impuhwe Umuheburayo.**
   c. Imana yamubwiye gucungura ubwoko bwayo yica Abanyegiputa.
   d. Yari impanuka.
7. Ni iki muri ibi cyarangaga Mose cyari ingenzi cyane ku Mana?
   a. Kuba yari amazi igihe kirekire cyane ayobora.
   b. Impuhwe yari afitiye bene wabo b'Abaheburayo.
   c. Ubushake bwe bwo gucungura.
   d. **Guca bugufi kwe.**
8. Ni nde wacunguye Isirayeli?
   a. Mose wenyine
   b. Imana yonyine
   c. **Imana yakoresheje Mose.**
   d. Imana yakoresheje Farawo.
9. Ni nde ubuhora abantu bu bubata bw'ibyaha.
   a. Abashumba n'Abavugabutumwa bonyine.
   b. Umukristo uwo ari we wese wenyine.
   c. Imana yonyine.
   d. **Imana ikoresha Yesu, Umwana wayo.**
   e. Imana ikoresha Farawo.
10. Iyo umenye ko Imana ishaka kubohora abantu bayo wumva ubaye ute? (Hitamo icyo ubona cyose ko ari igisubizo).
    a. Ndishima– Ndabishaka.
    b. Ntacyo bimbwiye– Ntacyo bimariye.
    c. Birambabaza– Nishimiye ko ibishaka, ariko ntabwo nemera ko izabikora.
    d. Nkomeye– Imana ishoboye kubikora kandi izambohora.
    e. Ndashidikanya–Kuba yarabikoze mu bihe bya kera ntabwo bivuze ko yabohora abantu no muri iki gihe.
    f. Nshishikajwe– Nzakora ibyo ivuga byose kugira ngo mbohoke.

Mbese imyumvire yawe yaba ikugira umuntu Imana yakoresha? Ni nzitizi ki iri mu buzima bwawe igomba gukurwamo mbere yuko Imana yagukoresha nk'igikoresho cyo gucungura cyangwa kubohora?

_____

_____

_____

Shimira Imana kuko ireba kandi ikaba izi ibyifuzo byawe by'agakiza no kubohorwa ndetse n'ibyantu bakuzengurtse bose. Baza Imana niba uri ahantu hadakwiriye mu buryo bw'umwuka. Nusanga ari ukuri, usabe Imana kukubohora nk'uko yabohoye ishyanga rya Isirayeli mu buretwa n'ububata bwo muri Egiputa.

Kujya Imuhengeri

1. Ni bitekerezo ki bikomeye Imana yashyize muri Mose?

   _____
   _____
   _____

2. Mose yabayeho imyaka 120 mu bihe bitatu butandukanye by'imyaka mirongo ine. Mu myaka 40 ya mbere Imana yamwigishije ko ari ntacyo ari cyo; mu myaka mirongo ine ya kabiri, Imana imwigisha ko hari icyo amaze kuba cyo. Hanyuma Imana yereka Mose, ndetse na benshi cyane muri twe mu gihe cy'imyaka myinshi, icyo yakoresha umuntu wamenye yuko ari ntacyo ari cyo. Muri urwo ruhererekane rw'ibihe bitatu, Mose yari mu kihe gihe ubwo yahuraga n'Imana mu gihuru cyashyaga ariko kidakongoka?

   _____
   _____
   _____

3. Mu ncamake kandi mu buryo busobanutse neza, ni iki Imana yabwiye Mose mu gihuru cyashyaga ariko ntigikongoke? (Itangiriro 3: 3-10)

   _____
   _____
   _____

4. Mose yasubije n'ikibazo ati "Ndi nde?" Iyo umenye ko bimwe mu bisubizo by'icyo kibazo byari ko yari umwicanyi, umwanzi w'igihugu cya Egiputa, Umuheburayo, umwana washyizwe mu muryango ndetse n'umwungeri w'intama, umwuga Abanyegiputa banagaga cyane kuruta no kuabUmuheburayo, utekereza ko Imana yatewe n'iki guhitamo Mose kuba ari we mucunguzi w'ubwoko bwa Isirayeli?

   _____
   _____
   _____

5. Amabanga y'umwuka ane Imana yabwiriye Mose ku gihuru cyarimo gushya ni ayahe?

   _____
   _____
   _____

6. Sanisha ndetse ugaragaze uko washyira mu ngiro ayo mabanga ane mu buzima bwawe ndetse no mu byo Imana irimo kuguhamagarira gukora kubw'icyubahiro cyayo.

   _____
   _____
   _____

7. Tanga incamake yo gukomera kwa Mose uvuga ibintu bine yagizemo uruhare mu murimo w'Imana no mu buzima bw'abantu.

   _____
   _____
   _____

Amabanga Ane y'Umwuka

Igice cya 12
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya cumi na kabiri ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Kumenya amabanga ane Imana yabwiye Mose n'ukuntu Mose yitabye umuhamagaro w'Imana n'ukuntu twabishyira mu ngiro mu buzima bwacu.

Mose abwira Imana ati "Ndi muntu ki wahangara kwegera Farawo, ngo nkure Abisirayeli muri Egiputa?" Iramusubiza iti "Ni ukuri nzabana nawe, ibizakubera ikimenyetso yuko ari jye ugutumye, ni uko uzakura ubwo bwoko muri Egiputa, mugakorerera Imana nyakuri kuri uyu musozi." —Kuva 3:11-12

Ibanga ry'Imana ryo kuba igikoresho cyo gucungura ryashyirwa mu nteruro imwe gusa: "Ntabwo ari wowe mucunguzi- Ni jye. Wowe kubwawe nta muntu wacungura. Ariko jye ndabishoboye, kandi ndi kumwe nawe." Iri banda ntabwo rireba Mose wenyine, natwe riratureba.

Mose yatanze impamvu nyinshi zo kwanga ubwo Imana yamuhamagariraga kujya muri Egiputa. Imana yaramwihanganiye cyane, ariko iza kurakazwa n'uko Mose yayibwiye ngo nishake undi yatuma utari we. Icyari ingenzi ku Mana ntabwo ari ubumenyi n'impano za Mose ahubwo ni ukuhaba kwe, cyangwa kwemera gutumwa kwe. Mu murimo w'Imana ikintu cy'ingenzi cyane ni ukwemera gukoreshwa n'Imana kandi ukayiha ngo igukoreshe.

Ukuri kw'ingenzi Imana yigishije Mose twashyirwa mu ncamake y'icyo twita "Amabanga Ane yo mu Mwuka." Ari yo:

Ntabwo ari jye, ahubwo niyo kandi iri kumwe nanjye. Ntabwo nshoboye, ariko yo irashoboye kandi iri kumwe nanjye. Ntabwo nshaka kubikora, ariko irashaka kubikora kandi iri kumwe nanjye. Ntabwo ari jye wabikoze, ahubwo niyo yabikoze kuko yair kumwe nanjye.

Tugomba kumenya gushyira aya mabanga ane yo mu mwuka mu ngiro mu buzima bwacu nk'uko Mose yabigenjeje kugira ngo natwe tube ibikoresho Imana yakoresha kubohora abandi

mu bubabata bw'icyaha.

Hitamo igisubizo kimwe cyeretse aho usabwe guhitamo ibirenze kimwe.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Ubuzima bwawe bwagenwe n'Imana.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Icyubahiro cya Mose n'ubushobozi bwe bwo kuvuga neza nibyo byatumye ahabwa akazi ko gucungura ubwoko bw'Imana.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Imana yasohoje amasezerano yose yahaye Mose.
4. Wakora iki Imana iramutse igitumye mu gihugu cy'ababisha ngo ujye gusaba ubuyobozi bwa cyo kubohora ubwoko bw'Imana? (Hitamo igisubizo kimwe).
   a. Nabwira Imana ko itoranyije umuntu udakwiriye.
   b. Nakumvira Imana, ariko nagira ubwoba bwinshi cyane.
   c. **Nakumvira Imana kandi akaba ari yo nishingikirizaho gusa.**
   d. Nakumvira Imana kandi nkayishimira ko ihaye agaciro impano zanjye.
5. Mose yabyakiriye ati ubwo Imana yamutumaga muri Egiputa?
   a. Yarishimye.
   b. **Yagize ubwoba.**
   c. Yararakaye.
   d. Yahise amenya ko ari nta wundi wakora uwo murimo.
6. Ni iki cyatumye Mose atahabwa amahirwe yo gucungura Abaheburayo? (Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose).
   a. **Ntabwo yari intyoza mu magambo.**
   b. **Ntabwo yari umunyamwete.**
   c. **Ntabwo yashiraga amanga.**
   d. **Yari umwungeri w'intama, kandi Abanyegiputa barabangaga.**
   e. **Yari umwicanyi kandi yashakishwaga n'ubutabera bwa Egiputa.**

7. Ni gute Imana yeretse Mose ko izabana nawe? (Hitamo ibyo ubona byose ko ari ukuri).
   a. **Yabwiye Mose kurambika hasi inkoni ye, maze Imana iyihindura inzoka.**
   b. Yahaye Mose ubushobozi bwo kuvuga neza.
   c. Yujuje Mose ubutwari.
   d. **Yabwiye Mose gushyira ukuboko kwe mu myenda ye, maze akuvanayo kuzuyeho ibibembe maze Imana iragukiza.**
8. Mose amaze gucungura Abisirayeli muri Egiputa, ni nde washimwe cyane?
   a. Farawo
   b. Mose
   c. Abaheburayo

d. **Imana**

9. Soma aya “Mabanga Ane Yo Mu Mwuka.” Hanyuma ugaragaze iryo ubona ko ryagufasha cyane uyu munsi. (**Ibisubizo biratandukana ku bantu batandukanye**)
   a. Ntabwo ari jye, ahubwo ni yo kandi iri kumwe nanjye.
   b. Ntabwo nashobora, ariko irashoboye kandi iri kumwe nanjye.
   c. Ntabwo nshaka kubikora, ariko irabishaka kandi iri kumwe nanjye.
   d. Ntabwo ari jye wabikoze, ahubwo ni yo yabikoze kuko yari kumwe nanjye.

Imana yari yakubwira gukora ikintu wumva udashaka gukora? Yaba irimo kukubwira gukora ikintu giteye gityo ubu? Urumva wayibwira iki kindi aho kugira ngo uyihakanire cyangwa wange?

_____

_____

_____

Imana ishimwe ko ari Imana kandi ihora isohoza ijambo rya yo. Saba Imana kukwigisha “Amabanga Ane Yo Mu Mwuka”. Shimira Imana ko ishaka kugukoresha nk’igikoresho cyo gucungura abandi nk’uko yakoresheje Mose. Saba Imana kukwereka ikintu kiri mu buzima bwawe kigomba gukurwamo, maze uyisabe kugikuramo kugira ngo ibone kugukoresha gucungura cyangwa kubohora abandi mu bubata bw’icyaha.

Kujya Imuhengeri

1. Ibyifuzo byawe wabisanisha ute n’aya mabanga ane yo mu mwuka Mose yamenyeye ku gihuru cyashyaga kidakongoka?

   _____

   _____

   _____

2. Garagaza ukuntu yagushishikariza kumenya ko icyo Imana irimo kuguhamagarira kuba no kuyikorera cyose itabitewe n’uwo uri we cyangwa icyo uri cyo cyose, ahubwo ibiterwa n’icyo iri cyo; bidaterwa n’ibyo washobora cyangwa utashobora gukora, ahubwo biterwa n’ibyo yo ishora gukora; kandi ntibiterwa n’icyo wowe wifuza, ahubwo bigaterwa n’icyo yo yifuza.

   _____

   _____

   _____

3. Tukiri muri iyo myumvire, sobanura kandi utange ingero zo mu buzima bwawe icyo tuba dushatse kuvuga iyo

tuvuze ko ubushobozi bukomeye cyane twaha Imana ari ukuyiha kwacu.

_____
_____
_____

4. Imana yarimo kubwira iki Mose ubwo yamukiza ibibembe ku kuboko kwe kandi igahindura inkoni ye inzoka, nyuma yo kumubwira kuyishyira hasi? Kuki yamubwiye kuyitoragura? Kuki inkoni yari ikimenyetso cy'ibitangaza bya Mose, nko gutandukanya Inyanja Itukura?

_____
_____
_____

5. Imana yari izi ko Mose afite imbogamizi mu mivugire ye? Ni iki Imana yarimo kubwira Mose ubwo yamubazaga uwaremye akanwa ke?

_____
_____
_____

6. Mbese Imana yubahwa cyane cyangwa buhoro iyo umukozi way o w'ibitangaza afite impano nyinshi cyangwa nkeya?

_____
_____
_____

7. Mbese Imana yishimira gukora ibintu ndengakamere ibikoresheje abantu basanzwe, cyangwa yishimira kubikoresha abantu bafite ubushobozi ndengakamere, cyangwa byombi? Kuki?

_____
_____
_____

Amahame Yo Kubohoka

Igice cya 13
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya Cumi na Gatatu ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Kumenya ko ari nta gakiza kabaho nta mbaraga z'Imana.

"Uwiteka n'imbaraga zanjye n'indirimbo yanjye, ampindukiye agakiza. Uwo ni we Mana yanjye, nanjye ndayihimbaza, ni yo Mana ya data, nanjye ndayishyira hejuru." — Kuva 15:2

"Uri muri mwe aruta uri mu b'isi" —1 Yohana 4:4

Imbaraga z'Imana zigaragazwa mu buryo bw'umwihariko mu

gitabo cyo Kuva. Igihe cyose Farawo yangaga ubusabe bwa Mose na Aroni bwo kurekura Abisirayeli ngo bagende, Imana yoherezaga icyago, yohereje ibyago cumi byose. Ibi byago byeremezaga; Farawo yatangiye gutinya imbaraga z'Imana. Ikiganiro Mose yagiranye na Farawo cyagaragara nk'imfasha nyigisho idufasha kubona urugamba rwa Yesu na Satani, ufatira abantu mu bubata. Kimwe na Satani, Farawo na we nta cyo byamutwara ko abantu baba abanyadini, ariko ntibave muri "Egiputa" (Kuva 8:25), cyangwa ngo "bajye kure" (Kuva 8:28), cyangwa ngo bajyane n'abana babo (Kuva 10:8-10), cyangwa ngo bajyane n'imitungo yabo (Kuva 10:24). Kugira ngo umuntu ave mu bubata nk'ubu, bisaba igitangaza cy'Imana.

Imana yakoreye ibitangaza Abisirayeli. Yarimbuye Farawo ikoresheje ibyago, yaciyemo kabiri inyanja itukura banyura ku butaka bwumutse, kandi yabagaburiye manu mu butayu. Ni nako Yesu yatsinze umwanzi wacu, adukura mu byaha, kandi aduha ibyo dukeneye kugira ngo tubeho. .

Hitamo igisubizo kimwe gusa, cyeretse nusabwa ibirenze kimwe.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Kugira ngo tuve mu bubata by'ibyaha, dusabwa gukoresha imbaraga nyinshi zo kubyikuramo.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Farawo yahinduye icyemezo yari yafashe cyo kutabarekura ngo bagende, akibona icyago cya mbere maze arabarekura ngo bagende.
3. Kuva ni urugero rwiza rwa_____.
   a. Ukuntu Imana ibohora abaretwa muri iki gihe.
   b. Ukuntu tugomba kwanga inzego z'ubuyobozi bwa leta.
   c. **Ukuntu Imana yadukijije ibyaha n'imbaraga za Satani**
   d. Ukuntu twacika ibibazo byacu byose.
4. Kuki Imana yohereje ibyago cumi muri Egiputa?
   a. Kuko idakunda Abanyegiputa
   b. Kuko irakara vuba
   c. Guhana Abanyegiputa ibaziza ibyaha byabo

d. **Kugaragaza imbaraga zayo zo gukiza.**

5. Ihame rya mbere ryo gucungura ni irihe?
   a. **Ntukagire uruhare mu bubata n'ibyaha.**
   b. Saba Imana kohereza ibyago ku banzi bawe.
   c. Kora cyane kugira ngo uve mu bibazo ufite.
   d. Girana ubwumvikane n'umuntu cyangwa ikintu kikubase.
6. Uburyo bwiza bwo kurwanya Satani ni ubuhe?
   a. Girana ubwumvikane nayo maze irakureka.
   b. Jya impaka na yo kugeza isobanukiwe ibyo uvuga.
   c. Yitere ibitero, izagera aho ihunge.
   d. **Ntukagirane ubwumvikane na Satani kandi wizere imbaraga z'Imana.**
7. Satani akoresha ngamba ki kugira ngo atubuze kubohoka burundu? (Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose)
   a. Satani arwana n'Imana kugeza ubwo atsinze.
   b. **Satani aratureka tukaba abanyedini ariko akagerageza kudukumira ngo tutaramya Imana uko Imana ibishaka.**
   c. **Satani atuma twiyemeza ariko ntitugire umwete.**
   d. **Satani aratureka tukaba abanyadini ariko akabuza abana bacu kuramya Imana.**
   e. **Satani aratureka tukaramya Imana ariko akaturinda guha ibyacu Imana.**
8. Mu nkuru yo Kuva, Pasika igaragaza iki?
   a. Umujinya w'Imana urenga abayizera ngo ibakize.
   b. Urupfu rwa Yesu rwo kumusaraba.
   c. Urubanza ruzacirwa abanga Imana.
   d. Kubohoka burundu kw'abizera igitambo cy'Imana.
   e. **Ibi byose**
9. Igitangaza cyo ku Nyanja itukura kigaragaza iki?
   a. Ko Mose yayobye inzira nzima.
   b. **Gucungurwa kwacu**
   c. Amahirwe yabaye ku Bisirayeli mu buryo bw'impanuka.
   d. Ko Farawo atamenye ibihe neza.
10. Ni irihe somo ryo mu mwuka twigira ku kuba Imana yarahaye manu Abisirayeli?
    a. Ujye uhora wiringiye leta n'ubukungu bw'igihugu cyawe kugira ngo ibyifuzo byawe bikemurwe.
    b. Ntukazerere mu butayu udafite ibyo kurya bihagije.
    c. Ujye utegura neza aho wahungira igihe ugiye gucika ubunyage.
    d. **Ujye uhora wizeye Imana kugira ngo ikumare ubukene bwawe.**

Soma icyanditswe cyo mu Kuva igice cya 12. Intama ya Pasika itwigisha ite kuri Yesu?

_____

_____

_____

Dushimire Imana ko yacunguye ubwoko bwayo

mu buryo bw'igitangaza bugaragaza agakiza idufitiye. Imana ishimwe kubw'impano y'agakiza idufitiye. Imana ishimwe kubw'impano y'agakiza yaduhawe ku buntu inyuze mu gitambo cy'Umwana wayo. Saba Imana kugushoboze kuyiramya burundu; n'igihe waba ufite umuryango, bigishe kuramya Imana, kandi uyibwire ko ibyo utunze byose ari ibya yo.

Kujya Imuhengeri

1. Wagereranya ute ikiganiro Mose yagiranye na Farawo n'intambara tugira iyo turimo kubaturwa mu mbaraga z'icyaha mu buzima bwacu?

   _____
   _____
   _____

2. Wakwigereranye ute n'igitekerezo cya Farawo cyo gutuma ubwoko bwa Isirayeli buguma muri Egiputa, kutajya kure, gusiga abana babo muri Egiputa, no gusiga imitungo yabo muri Egiputa?

   _____
   _____
   _____

3. Washyira ute mu bikorwa amahame yo kubohoka tubona bitekerezo bya Farawo byo gukumira ubwoko bw'Imana?

   _____
   _____

4. Ihame rya mbere ryo kubohoka ni irihe, kandi warishyira ute mu ngiro kugira ngo ubohorwe mu mbaraga z'icyaha mu buzim bwawe?

   _____
   _____
   _____

5. Icyago cya cumi cya Pasika cyangwa gutambukwa ugikuramo butumwa ki bwakubohora mu mbaraga z'icyaha? (Luka 22:14-16)

   _____
   _____
   _____

6. Ni butumwa ki ukura mu bitangaza Imana yakoreye ubwoko bwa Isirayeli buri mu butayu, urugero, abagaburira manu, kugira ngo nawe bugufashe kubohoka mu mbaraga z'icyaha ziri mu buzima bwawe?

   _____
   _____
   _____

7. Wizera ko Imana yakumara ubukene bwawe bwose mu gihe yaba ikubohora mu mbaraga z'icyaha ziri mu buzima bwawe? Bisobanure.

   _____
   _____
   _____

Umwuka w'Amategeko Cumi y'Imana

Igice cya 14

Inyigisho y'Ijwi: Isomo rya Cumi na Kane ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Kumenya Amategeko Cumi y'Imana.

Imana ivuga aya magambo yose iti "Ndi Uwiteka Imana yawe yagukuye mu gihugu cya Egiputa, mu nzu y'uburetwa. Ntukagire izindi mana mu maso yanjye. Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa gisa n'ishusho yose iri hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka...Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe, kuko Uwiteka atazamubara nk'utacumuye, uvugiye ubusa izina rye...Wubahe so na nyoko, kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha. Ntukice. Ntugasambane. Ntukibe. Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe. Ntukifuze inzu ya mugenzi wawe, ntukifuze umugore wa mugenzi wawe, cyangwa umugaragu we, cyangwa umuja we, cyangwa inka ye cyangwa indogobe ye, cyangwa ikindi kintu cyose cya mugenzi wawe."—Kuva 20:1-4, 7-8, 12-17

Amategeko y'Imana cumi yanditswe ku bisate by'amabuye. Ane muri yo agenda umubano wacu n'Imana, hanyuma atandatu yandi akagenga umubano wacu n'abantu. Twumvira amategeko yose, tugomba kwitondera kuyumvira mu mwuka ndetse n'uko avuga.

Gusobanukirwa birenzeho: Intego y'amategeko ni iyihe?

Kuko imbere yayo ari nta muntu uzatsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko, kuko amategeko ari yo amenyekanisha icyaha. - Abaroma 3:20

Nuko rero tuvuge iki? Amategeko ni icyaha? Ntibikabeho! Icyakora samba naramenye icyaha iyo ntakimenyeshwa n'amategeko, kuko ntaba naramenye kwifuza iyaba amategeko atavuze ngo. Ntukifuze. Abaroma 7:7

Kuko duhamije yuko umuntu atsindishirizwa no kwizera, atari imirimo itegetswe n'amategeko. Abaroma 3:28

Nyamara tumenye yuko umuntu atsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko, ahubwo atsindishirizwa no kwizera Yesu Kristo. Dore ndetse natwe twizeye Yesu Kristo kugira ngo

dutsindishirizwe no kumwizera, bitavuye mu mirimo itegetswe n'amategeko. Abagalatiya 2:16

Kuko Kristo ari we amategeko asohoraho kandi ni we uhesha uwizera wese gukiranuka. Abaroma 10:4

Nuko rero noneho abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho, kuko iteka ry'Umwuka w'ubugingo bwo muri Kristo Yesu ryambatuye ububata bw'itegeko ry'ibyaha n'urupfu, kuko ibyo amategeko yananiwe gukora kubw'intege nke za kamere yacu, Imana yabishohoje ubwo yatumaga Umwana wayo afite ishusho ya kamere y'ibyaha kuba igitambo cy'ibyaha icira ibyaha bya kamere ho iteka, kugira ngo gukiranuka kw'amategeko gusohozwe muri twe, abadakurikiza ibya kamere y'umubiri, ahubwo bakurikiza iby'Umwuka. Abaroma 8:1-4

Hitamo igisubizo kimwe gusa cyeretse nusabwa guhitamo ibirenze kimwe.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Amategeko cumi yari tibitekerezo byiza bya Mose?
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Amategeko cumi ni incamake y'ayandi magana y'amategeko Imana yahaye ubwoko bwayo.
3. Andika "Imana" iruhande rwa buri tegeko rigenga umubano wacu n'Imana, na "abantu" iruhande rw'amategeko agenda umubano wacu n'abandi bantu.
   a. Ntukagire Izindi mana. **Imana**
   b. Ntugasambane. **Abantu**
   c. Wibuke kweza umunsi w'isabato. **Imana**
   d. Ntukibe. **Abantu**
   e. Ntukifuze. **Abantu**
   f. Wubahe so na nyoko. **Abantu**
   g. Ntukaramye ibigirwamana. **Imana**
   h. Ntukice. **Abantu**
   i. Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe. **Abantu**
   j. Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka. **Imana**
4. Noneho tondekanya amategeko uko akurikirana. Wandike umubare iruhande rwa buri tegeko.
   a. Ntukagire izindi mana. **1**
   b. Ntugasambane. **7**
   c. Wibuke kweza umunsi w'isabato. **4**
   d. Ntukibe. **8**
   e. Ntukifuze. **10**
   f. Wubahe so na nyoko. **5**
   g. Ntukaramye ibigirwa mana. **2**
   h. Ntukice. **6**
   i. Ntugashinje mugenzi wawe ibinyoma. **9**
   j. Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka. **3**
5. Ni iki muri ibi kigaragaza incamake nziza y'amategeko ane ya mbere?
   a. Akira Imana.
   b. Izera Imana.
   c. **Shyira Imana ku mwanya wa mbere mu buzima bwawe.**
   d. Ramya Imana uko ubyumva.
6. Kuki ari bibi kurema igishushanyo cy'ikigirwamana maze ukakiramya?

a. **Imana ni Umwuka kandi ntigaragara, kandi twayegera mu kwizera gusa.**
b. Imana ntabwo ishaka ko abantu bamenya uko isa.
c. Imana itinya ko tutatuma igaragara neza.
d. Imana ihagararirwa n'ibigirwamana byose, kandi ntabwo ishaka ko ihinwa ikagirwa imwe.

7. Ni irihe tegeko ryonyine rifite n'isezerano?
   a. Ntukabeshye.
   b. **Wubahe so na nyoko.**
   c. Ntugasambane.
   d. Wibuke kweza umunsi w'isabato.
8. Ni irihe tegeko ryakwitwa "uburenganzira bw'abana"?
   a. Wubahe so na nyoko.
   b. Ntukibe.
   c. Ntukaramye ibishushanyo.
   d. **Ntugasambane.**
9. Umwuka wa "Ntugashinje mugenzi wawe ibinyoma" ni uwuhe? – itegeko ryo kutabeshya?
   a. Menya kubeshya kandi utavuze ikinyoma.
   b. Wirinde kubeshya ibinyoma binini.
   c. **Ntugakore igikorwa kigaragaza ikinyoma, n'ubwo wabikorana ubwenge bwinshi.**
   d. Gerageza uvuge ukuri gukeya, nubwo byaba ari ntaho bihuriye n'ukuri nyako.
10. Ni iki ishyari no kwifuza bihishura kuri twe?
    a. Imana ishaka ko tugira byinshi.
    b. Imana irashaka ko tumera nk'abandi.
    c. Dufite agaciro kari munsi y'ak'abandi.
    d. **Ntabwo tunyuzwe n'ubushake bw'imana ku buzima bwacu.**
11. Intego y'Amategeko y'Imana ni iyihe?
    a. Imana ishaka ko tubaho ubuzima buboneye.
    b. Imana ishaka ko tumera nabi iyo tunaniye kumvira Amategeko yayo.
    c. **Imana ishaka kutwereka ibyaha byacu ndetse n'uko dukeneye umukiza.**
    d. Imana iratunganye rwose ariko ntacyo biyibwira iyo twice Amategeko yayo.

Ni irihe tegeko rijya rikunanira kumvira neza, ndetse no mu mwuka? Kuki?

_____

_____

Imana ishimwe kubw'ijambo ryayo n'Amategeko yayo akurinda ndetse akaguteza imbere. Saba Imana igushoboze kumvira Amategeko yayo mu mutima wawe. Shimira Imana kubwa Yesu Kristo wazanywe no gusohoza Amategeko no guha imbabazi n'ubuntu abo bose bamwizera ndetse bakamukurikira.

Kujya Imuhengeri

1. Sobanura intego nyamukuru y'Amategeko y'Imana.
   _____
   _____
   _____
2. Garagaza utanga urugero itandukaniro ry'inyuguti n'umwuka w'Amategeko.
   _____
   _____
   _____
3. Shyira mu ncamake ndetse wiyemeze gufata mu mutwe umwuka wa buri Tegeko mu Mategeko cumi yose.
   _____
   _____
   _____
4. Umwuka w'Amatgeko ane ya mbere yari yanditse ku gisate cy'amabuye cya mbere ni uwuhe?
   _____
   _____
   _____
5. Umwuka w'Amategeko atandatu yari yanditse ku gisate cy'amabuye vya kabiri ni uwuhe?
   _____
   _____
   _____
6. Ni gute Yesu yashyize mu ncamake umwuka w'amategeko yari yanditse ku gisate cya kabiri akoresheje Itegeko Rikuru? (Soma Matayo 7:12)
   _____
   _____
   _____
7. Mbese wowe ubaho wumvira inyuguti y'amategeko cyangwa umwuka w'amategeko? Gute? Kuki?
   _____
   _____
   _____